# Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-2 | TARIKI 25 Gashyantare-03 Werurwe 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



Imvaho Nshya Siporo

Fabien Doubey yegukanye Tour du Rwanda 2025 yasojwe itarangiye yose


AMAKURU
Kera kabaye isoko rya Gisenyi rigiye gutangira gukorerwamo 4



AMAKURU
U Rwanda, Ghana na Singapore byatangije sisitemu yo kwishyura yambukiranya imipaka 5



AMAKURU
U Rwanda rwibukije EU ko ikibazo cya RDC gitandukanye n'icya Ukraine 9



MU NTARA
Nyamasheke: Kunyonga igare byamugejeje kuri moto nshya 15




# U Rwanda rwashimangiye ko rutabeshejweho n'inkunga z'amahanga



Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin, yavuze ko inkunga z'u Bubiligi n'iza USAID zahagaritswe zitazabuza ubuzima gukomeza

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE) yatangaje ko kuba inkunga z'Ikigo cya Amerika gishinzwe iterambere Mpuzamahanga (USAID) n'iz'Ikigo cy'u Bubiligi gishinzwe iterambere (Enabel), zarahagaze bitazakoma mu nkokora urwego rw'ubuzima zari zifatiye runini mu Rwanda kuko rutari rutunzwe n'inkunga gusa.***

Iyo Minisiteri yabigarutseho kuri iki Cyumweru, tariki ya 02 Werurwe 2025, mu kiganiro n'Abanyamakuru ubwo hatangizwaga inama Mpuzamahanga y'Afurika yiga ku Buzima.

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Sabin Nsanzimana, yavuze ko kuba hari imishinga yahagaritswe yafashwaga na USAID na Enabel bitazatuma urwego rw'ubuzima rudakomeza gukora nk'ibisanzwe.

KOMEZA KU RUP.3

# G.S.O de Butare na E.S Byimana bahize ibindi mu bya Robo na AI

**ZIGAMA Theoneste**

***Abanyeshuri bo mu bigo bya Groupe Scolaire Officiel de Butare (G.S.Ode Butare) ni bo bahize abandi mu marushanwa y'abanyeshuri yo ku rwego rw'Igihugu mu bijyanye no gukoresha Robo (Robotics) naho abo kuri Ecole de Sciences de Byimana baba aba mbere mu bijyanye n'imishinga y'Ikoranabuhanga ry'Ubwenge buhangano (Artificial Intellligence (AI).***

Ni amarushanwa yasojwe kuri iki Cyumweru tariki ya 3 Werurwe 2025, mu Ntare Conference Arena.

Ni amarushanwa abaye ku nshuro ya 3 aho abo banyeshuri bahatanye no mu bigo by'amashuri bitanu byo muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali ndetse n'abaturutse mu gihugu cya Nigeria.

Ganza Karambizi Arsene umwe mu banyeshuri ba Ecole de Science de Byimana, yasobanuye ko umushinga bakoze ugatsinda ugamije gukemura ibibazo mu buhinzi.

KOMEZA KU RUP.3

## Umuvugizi w'Ibiro bya Perezida ati: "Ibihano ku Rwanda ntibigamije amahoro"



URUP.2

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# Umuvugizi w'Ibiro bya Perezida ati: "Ibihano ku Rwanda ntibigamije amahoro"

NTAWITONDA Jean Claude

***Umuvugizi w'Ibiro bya Perezida, Stephanie Nyombayire, yavuze ko ibyemezo by'Umuryango Mpuzamahanga mu kubogamira ku binyoma bya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bitagamije ineza y'Abanyarwanda cyangwa iy'Abanyekongo ahubwo wibereye mu kurinda inyungu z'ubucuruzi.***



**Nyombayire Stephanie, Umuvugizi w'Ibiro bya Perezida wa Repubulika y'u Rwanda**

Yabigarutseho mu gihe amahanga yahagurukiye gufatira u Rwanda ibihano no kwirengagiza ugutabaza kwarwo kumaze imyaka ikabakaba 30 ku bibazo by'umutekano muke ikururirwa n'intambara z'urudaca zihora mu Burasirazuba bwa RDC.

Ku wa Kabiri, Guverinoma y'Ubwami bw'u Bwongereza yatangaje ibihano bibogamye yafatiye u Rwanda, nyuma yo kumva impande zombi.

Ibyo bihano bisa nk'aho bishimangira ko impungenge z'umutekano ku Rwanda rusumbirijwe na Leta ya RDC yifatanyije n'Abajenosideri ba FDLR baruhekuye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, nta gaciro zifite.

Nyombayire yavuze ko bitandukanye n'ibyo Umuryango Mpuzamahanga wifuza ko abantu bizera, igitekerezo cy'uko ikibazo cya Congo gikeneye igisubizo cya Politiki ni byo u Rwanda rwasabye kuva na mbere hose.

Impamvu u Rwanda rwahagaze kuri urwo ruhande ni uko bidashoboka gukemura ibibazo birebana n'uburenganzira bw'abaturage baciriwe ishyanga ukoresheje intambara.

Mu myaka isaga 25 ishize, Abanyekongo biganjemo abo mu bwoko bw'Abatutsi bameneshejwe mu byabo bahungira mu bihugu bitabdukanye birimo n'u Rwanda rucumbikiye abarenga 100.000.

Mu mitwe yitwaje intwaro yabameneshaga harimo na FDLR yabibye ingengabitekerezo ya Jenoside nyuma yo guteshwa ku mugambi wo gutsemba Abatutsi mu Rwanda, aho mu minsi 100 hishwe abasaga miliyoni imwe.

Impuguke mu bya Politiki yo mu Karere k'Ibiyaga Bigari zivuga ko FDLR mu mugambi wayo wo gukomeza guhungabanya umutekano w'u Rwanda, yumvishije Leta ya Congo ko abo mu bwoko bw'Abatutsi batuye mu Burasirazuba bwa RDC ari Abanyarwanda.

Imyaka ibaye 25 abatarahungiye mu Rwanda bagiye mu bihugu bindi by'abaturanyi no hanze yabyo, ari na bo bashibutsemo inyeshyamba za M23 zikomeje guharanira kugarura umutekano uhamye kuri gakondo yabo.

Tshisekedi avugwaho kugira indimi ebyiri, kuko abwira amahanga ko yiteguye kugirana ibiganiro n'abo Banyekongo ariko yagera mu gihugu cye akirahira ko adateze kuganira na bo kuko abafata nk'umutwe w'iterabwoba.

Umuvugizi wa Perezidansi Nyombayire, yagize ati: "Ntabwo tuzifatanya na mwe muri ubwo buryarya."

Yavuze ko ubutumwa bukomeye bw'akababaro Kabogamye buhabwa agaciro ari ubw'Igihugu buri wese azi neza ko cyananiwe kubahiriza uburenganzira bw'abaturage.

Ati: "Ubutumwa burumvikana: icyemezo cyafashwe mu myaka 30 ishize ko ubuzima bw'Abanyarwanda ntacyo buvuze imbere y'inyungu za Politiki buracyahagaze n'uyu munsi."

Yakomeje ahamya ko iyo mpamvu ari yo ikomeje gutuma abayobozi ba RDC bakomeza kuryoherwa no gushyikirana n'ibihugu by'abakoloni bavuga ibyo bishakiye, binjiza mu gisirikare Abajenosideri n'abacanshuro b'i Burayi ngo barwane intambara ze.

Yakomeje avuga ko mu gihe abo barwana intambara za RDC abayobozi baba biyicariye batuje, bategereje ko umuryango mpuzamahanga ushyingura ikibazo nyamukuru gihari.

Yakomeje agira ati: "Icyo buri mwanzuro n'itangazo bihamagarira ni ugusubira uko byahoze: igihugu kigomba kuguma ari ikibuga kitagira amategeko, aho abayobozi babona inyungu zabo zo kujya kugura imiturirwa i Buruseli, umuryango Mpuzamahanga ugakomeza ukungukira mu bikorwa byo kubungabunga amahoro na gahunda zo kurwanya ubukene, hanyuma n'ibigo byabo bikarinda urwunguko rwabyo."

Nyombayire yavuze ko buri gihugu cyifatanya na RDC kibizi neza ko kidashobora kwihanganira n'agace gato k'ibibazo by'umutekano muke u Rwanda rwanyuzemo mu myaka 30 ishize.

Imibare itangwa n'inzego z'umutekano mu Rwanda igaragaza ko mu myaka isaga 25 ishize u Rwanda rumaze guhura n'ibitero birenga 20 bya FDLR birimo n'igiheruka cyagabwe i Rubavu kigahitana abantu 16 abandi basaga 170 bagakomereka.

Nyombayire yavuze ko ibinyoma bitangazwa byitondewe kubera ko ukuri kubangamira inyungu z'ubucuruzi.

Ati: "Birasa nk'aho muri iri hurizo, abaturage b'ibihugu byombi ntacyo bavuze, kandi amaherezo intego yabo mu by'ukuri si inzira y'amahoro."

# Leta y'u Rwanda yatsinze Mironko mu rukiko rwa EACJ

NTAWITONDA JEAN CLAUDE

***Urukiko rw'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazyba (EACJ) rwatangaje ko ikirego cya François-Xavier Mironko wareze Leta y'u Rwanda nta gaciro gifite, rumutegeka kwirengera kwishyura amagarama yose y'urubanza n'ibindi byose byarugenzeho.***

Uyu munyemari yayishyuzaga Amafaranga y'u Rwanda arenga miliyari 18 ajyanye n'isoko yahawe na Leta yariho mbere ya Jenoside ryo kugura ibikoresho bya gisirikare yaguze hagati y'umwaka wa 1993 na 1994.

Urukiko rwa EACJ rwatangaje ko icyo kirego cyatakaje igihe kandi kirenze ububasha bw'uru rukiko rw'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba.

Mironko wari ahagarariye ibigo bibiri ari byo International Industries SA na MIRONKO EURAFRICA SPRL, aho yavugaga ko hagati y'imyaka ibiri ibyo bigo byagemuriye intwaro n'ibindi bikoresho ingabo z'u Rwanda mu masezerano y'ibanga bari bafitanye.

Yavuze ko uretse kubahiriza ibyo yasabwaga nk'uko byari bikubiye mu masezerano, Guverinoma yananiwe kwishyura igiciro bumvikanye kingana n'amafaranga y'amabiligi 47.990.000

Nyuma yo kugerageza gukumira ayo makimbirane mu nkiko z'u Rwanda bikanga, harimo n'ubusabe bwo kuba Urwego rw'Umuvunyi bwagenzura icyo kirego cye bwanzwe, Mironko yatanze iki kirego muri EACJ muri Kamena 2018.

Yagaragaza ko u Rwanda rwarenze ku masezerano agenga Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba, by'umwihariko ingingo ya 6 (d) n'iya 7 (2), zigarika ku miyoborere myiza no kubahiriza amategeko.

Guverinoma y'u Rwanda yateye utwatsi ibyo birego inshuro nyinshi. Aho ubwa mbere yagaragaje ko cyatakaje agaciro nk'uko bikubiye mu ngingo ya 30 y'Amasezerano ya EACJ ikindi kandi ni nay o yagaragaje ko urwo rubanza rutari mu bubasha bw'urwo rukiko.







**Abanyeshuri bagaragaje imishinga mu ikoranabuhanga**

# G.S.O de Butare na E.S Byimana bahize ibindi mu bya Robo na AI

IBIKURIKIRA URUP.1

Ati: "Twakoze AI, ni ikoranabuhanga ushyira muri telefone yawe, ugashyiramo ifoto y'igihingwa igasobanura indwara gifite n'uko wayivura."

Yavuze ko babitekerejeho kubera ko hari abahinzi benshi batabona uburyo bwo kurwanya indwara mu bihingwa.

Irakoze Divin wiga muri G.S.O de Butare yasobanuye ko umushinga wabo wari ugamije gufasha abakora ubushakashatsi munsi y'amazi.

Yagize ati: "Abantu bakora ubushakashatsi munsi y'amazi biba bigoranye bashobora no guhura n'inyamaswa zikabarya. Umushinga wacu kwari ukwinjizamo agakoresho k'ikoranabuhanga kakaba kakwereka aho ugiye n'ibyo wahurirayo na byo."

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB) Dr. Nelson Mbarushimana, yavuze ko ababyeyi n'abarimu banyuzwe no kubona imishinga yamuritswe mu marushanwa y'umwaka wa 2025.

Yagize ati: "Ababyeyi n'abarimu banejejwe n'imishinga y'ikoranabuhanga rigezweho yamuritswe mu mishinga yibanda ku bya robo, ikoranabuhanga n'uburezi buhambaye binyuze mu guhanga udushya. Abo bana b'abahanga barimo gutegura inzira y'ahazaza heza hayobowe n'ikoranabuhanga mu burezi."

Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yashimangiye ko ayo marushanwa atanga umusaruro mwishi, kandi hari gahunda yo kuyagura mu bigo bitandukanye.

Yagize ati: "Ubu ngubu turashaka ko amashuri menshi ashobora kujya mu bijyanye na Robots na AI."

Minisitiri Nsengimana avuga ko hakiri imbogamizi zo kubona ibikoresho bihagije byakwifashishwa mu iryo koranabuhanga.

Uretse Abanyarwanda hari n'ibindi bigo bitatu byaturutse muri Nigeria, bose bakaba barushanyijwe hagamijwe kureba uko abanyeshuri bahagaze mu bijyanye n'ubumenyi bwo gukoresha Robotics na AI.

Abanyeshuri ba G.S Officiel de Butare batsindiye itike yo kuzajya mu marushanwa y'ikoranabuhanga ku rwego rw'Isi muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, mu gihe Ecole de Science de Byimana bo bazitabira amarushanwa azabera mu Busuwisi mu mezi ari imbere.

Ayo marushanwa yiswe 'First Lego League & AI Hackathon', yitabirwa n'abanyeshuri bari hagati y'imyaka 9 na 16 y'amavuko.

Yateguriwe gushishikariza abato kwiga no gukunda amasomo ya Siyansi, Ikoranabuhanga n'Imibare (STEM), ay'uyu mwaka akaba yitabiriwe n'abanyeshuri basaga 250 baturutse mu bigo 25 byo hirya no hino mu gihugu

# U Rwanda rwashimangiye ko rutabeshejweho n'inkunga z'amahanga

IBIKURIKIRA URUP.1

Imwe mu mishinga yafashwaga n'ibyo bigo byombi harimo irebana n'ubuzima bw'umwana n'umubyeyi, kurwanya Maraliya n'indwara z'ibyorezo, kubaka urwego rw'ubuzima no gufasha abanyeshuri biga iby'ubuvuzi cyane cyane abiga ububyaza n'ubuforomo.

Ati: "Icyo namaraho impungenge ni uko izo nkunga ntabwo ari zo zari zitubeshejeho zonyine hari ibyo Igihugu cyakoraga mu rwego rw'ubuzima kandi bifite uruhare runini cyane. Ntabwo ibyo twakoraga biri buze guhagarara."

Minisitiri Dr Nsanzimana yagaragaje ko kuziba icyuho kije gitunguranye bigoye ariko kuva hatangira gusakara amakuru avuga ku ihagarikwa ry'inkunga za USAID, bahise batangira ingamba zo kuziba icyo cyuho.

Ati: "Tumaze iminsi tubyitegura twanashyizeho uburyo tuzaziba icyo cyuho n'ubwo icyuho nk'icyo gitunguranye kandi kije hagati mu gihe twari turi gukora n'ibindi bikorwa, bisaba kongera tugasubira inyuma hakaba bimwe dusimbuza ibindi bitewe n'ubwihutirwe n'akamaro bifite cyane cyane ibijyanye n'imiti n'amavuriro kugira ngo akomeze gukora, n'abanyeshuri kugira ngo bakomeze bige."

Yongeyeho ko hagiye kuvugururwa uburyo ibintu byinshi byakorwagamo ibyatwaraga igihe kinini bigatwara igito hifashishijwe ikoranabuhanga.

Yavuze ko u Rwanda rwikuye ahantu kure rutabikesheje inkunga, ahamya ko ari umwanya mwiza wo kongera kwitekerezaho.

Yifashishije imbwirwaruhame Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yigeze gutanga mu mwaka wa 2012, yagize ati: "Iyo umuntu yari yagutije ikote akakubwira ngo rinsubize ubwo na we ujya kwishakira iryawe cyane cyane iyo ashobora no kuba yaraguhaye n'iritagukwira ushobora kwigurira irigukwira."

Yakomeje agira ati: "Ahubwo biratuma natwe dutekereza uburyo twabaho umuntu aguha yagira icyo akuraho ugasanga asa nk'ugufite kuri serumu cyangwa agufiteho n'ubundi bubasha burenze. Na byo hari ukuntu bituma abantu bakanguka bakishakira ibisubizo byabo. Aho twavuye nk'Abanyarwanda nta nkunga twari dufite cya gihe ariko igihugu cyarazutse aho tugeze ubu ntabwo twagira ubwoba kuba hari igihugu runaka cyahagaritse inkunga ngo tugiye guhungabana."

Kuva Perezida wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Donald Trump, yajya ku butegetsi ku wa 20 Mutarama 2025, yasinye amateka menshi arimo n'iryahagaritse inkunga zigenerwa amahanga zinyujijwe muri USAID.

Ibyo byatumye ibihugu byo muri Afurika bitangira kwibaza uko bizagenda nyuma yo guhagarikwa kw'izo nkunga ndetse n'ubuzima bw'abaturage babyungukiragamo.

Muri Gashyantare 2025, USAID yatangaje ko abakozi bayo bose bazashyirwa mu kiruhuko cy'amezi atatu, uretse abashinzwe imirimo ifitiye agaciro gakomeye ikigo, abayobozi bakuru, n'abashinzwe porogaramu zihariye.

Ku bijyanye n'abakozi bayo bakorera hanze ya Amerika, ikigo cyatangaje ko cyateguye gahunda yo kubasubiza iwabo ndetse no guhagarika amasezerano y'abakozi batari ngombwa.

Imibare igaragaza ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023/2024, Amerika yahaye u Rwanda inkunga ingana na 126.457.174 z'amadolari y'Amerika, amenshi yagiye mu rwego rw'ubuzima kuko rwashyizwemo arenga gato miliyoni 58 z'amadolari ya Amerika.

Kuva mu 2023, USAID yateraga inkunga ibihugu bigera kuri 130 ku Isi, ikaba yabaraga miliyari 72 z'amadolari ya Amerika yatangwaga buri mwaka.

# Kera kabaye isoko rya Gisenyi rigiye gutangira gukorerwamo

KAYITARE Jean Paul

***Isoko rya Gisenyi riherereye mu Karere ka Rubavu, rimaze imyaka hafi 15 ritaruzura, ubuyobozi bw'Akarere bwatangaje ko mu kwezi kwa Kamena 2025 isoko ritangira gukorerwamo kuko ngo ab'inkwakuzi batangiye gusaba imyanya yo gukoreramo.***

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu, Mulindwa Prosper, ahamya ko isoko rya Gisenyi mu nyubako imbere harangiye, hasigaye gusiga amarangi n'amakaro.

Yagize ati: "Turateganya ko iri soko ukwezi kwa Gatanu kuzasiga ryarangiye. Tugeze mu mirimo ya nyuma ari na yo yo gusoza; ari yo yo gusiga amarangi, gushyiramo ibirahuri, amakaro no gutunganya hanze."

Akarere karimo gutegura amasezerano kazagirana na rwiyemezamirimo uzakora iyo mirimo bitarenze icyumweru gitaha.

Mulindwa yagize ati: "Ikindi nuko turimo gushaka rwiyemezamirimo uzahagararira abashoye imari muri iri soko, gutanga imyanya, kurikurikirana ndetse n'imicungire yaryo. Ibikorwa byose bisigaye turimo kubikorera rimwe ku buryo mu kwa Gatandatu isoko rizaba ririmo gukora neza, ibi byose mureba byavuyeho hakingurutse."



Isoko rya Gisenyi rigiye kuzura

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu yavuze ko isoko rya Gisenyi rifite amateka maremare kuko rimaze imyaka isaga 10 ryaratangiye kubakwa kuko ryatangiye kubakwa mu 2012 rikaba ritararangira.

Yagaragaje ibyaridindije, ati: "Ryari ryarashyizweho amakaro ryarakinzwe rigiye gutahwa, habaye umutingito abantu babona ubukana bwaryo, basanga uko ryari ryubatse bitari bihagije ni bwo hajemo imirimo yo kurikomeza, inkingi zisubirwamo ngo ritazongera gusenywa n'umutingito.

Mujawamariya Clemence ukorera ubucuruzi mu Mujyi wa Rubavu avuga ko bishimiye kubona isoko rya Gisenyi ririmo rirangira ngo bakaba bafite icyizere cyuko rizatangira vuba.

Rwasamanzi Patrick we avuga ko abona isoko risa nirigeze ku musozo.

Yagize ati: "Imirimo yo kubaka isoko tumaze kubona ko igeze kure kuko biraduha icyizere kuko nkanjye n'abo dufatanyije ubu bucuruzi twamaze gusaba Akarere umwanya wo gukoreramo nubwo tutarasubizwa."

Ku ikubitiro iyubakwa ry'Isoko rya Gisenyi ryatwaye miliyari 1 na miliyoni 200 z'amafaranga y'u Rwanda yavuye mu ngengo y'imari Leta igenera Akarere.

Nyuma yaho ubwo ryegurirwaga abashoramari, na bo bashyizeho miliyari 1 na miliyoni 300 Frw asa nk'abaye impfabusa kuko ibyo yakoreshejwe byasenywe ubwo hakosorwaga amakosa yagaragajwe n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Imiturire (RHA).

Mu bikorwa byo gukosora no kurangiza inyubako yose y'Isoko rya Gisenyi Akarere ka Rubavu kongeye gushoramo miliyari 1 na miliyoni 500 Frw.

# MIFOTRA yanenze abarangarira ku mbuga nkoranyambaga bagasaba kongezwa umushahara

KANALIZA Agnes

***Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA), iranenga abica akazi bakirirwa bareba ibicaracara ku mbuga nkoranyambaga ntibatange umusaruro mu kazi kandi nyuma bagasaba abakoresha babo ko bongezwa umushahara.***



Abantu bahugira no ku mbuga nkoranyambaga mu gihe cy'akazi bahemberwa ku kwezi

MIFOTRA igaragaza ko bitewe n'umuvuduko w'iterambere u Rwanda rugenderaho ibigo byinshi bibamo murandasi ariko usanga hari ubwo abakozi batayikoresha mu iterambere ry'ikigo ahubwo ikababera ikirangaza bakayikoresha mu nyungu zabo bwite birebera ibicaracara no mu masaha y'akazi.

Patric Kananga, Umuyobozi w'Umurimo muri MIFOTRA, agaragaza ko akazi ari magirirane kandi umusaruro umukozi atanga ari wo umugarukira.

Ati: "Abakoresha baba baraduhaye interineti kugira ngo akazi korohe. Bayiguhaye nk'umukozi kugira ngo ubikoreshe mu iterambere ry'ikigo ntabwo babiguhaye ngo wirirwe kuri za TikTok n'ahandi hanyuma umusaruro ukaba muke nyuma tukaza kwifuza ko agashahara kuzamuka. Tukifuza ko uburengazira bwose dukeneye tububona; oya."

Avuga ko abakozi nk'abo bahorana ibibazo mu kazi kuko bahora bagongana n'abakoresha ku bwo kutuzuza inshingano bikaba byanabaviramo urwango ku bwo kwiyumvisha ko kubazwa ibyo bashinzwe ari amakosa.

Ati: "Uje mu kazi ukajya kuri YouTube umukoresha yakubaza icyo wakoze ukakibura icyo gihe byagutera stress (umujagararo), cyangwa ugasanga ntiwapanze uko uri bukore akazi ukakajyeramo uzindutse ariko ntugire icyo ukora cyangwa ugakererwa nabwo ntukore bakakubaza inshingano na byo bitera stress."

Yongeho ati: "Ku kazi ni magirirane, umukozi wibwiriza ni we umukoresha akeneye, umukozi wesa imihigo ni we umukoresha akeneye."

Mu gihe MIFOTRA ivuga ibyo hari abakozi bavuga ko imbuga nkoranyambaga zijya zibarangaza rimwe na rimwe iyo bari mu kazi bitewe n'uko gutandukanya umuntu no kureba ibyirirwa bicaracara bigoye.

Bagaragaza ko hari n'ubwo umuntu ashobora kuza gusaba serivisi uwo ayaisaba arangariye muri telefone akaba yamara iminota itanu cyangwa inarenga ataramwakira bitewe n'ibyo abona ku mbuga byamutwaye ubwenge yumva atarekera kureba.

Kwizera Ganza Cedric yagize ati: "Abantu benshi bakorana telefone kandi muri utwo tuzi haba harimo internet, ubwo rero ntabwo bishoboka ko umuntu yakwirirwa atarebye ku mbuga nkoranyambaga n'iyo yaba ari mu kazi zishobora kumurangaza rwose hakagira ibyangirika."

Uwase Flora na we avuga ko telefone zabaye ikiyobyabwenge kuri bamwe kandi zishobora kugira uruhare mu kwica akazi bikaba byaviramo umukozi umujagararo mu kazi cyangwa bikamuviramo kwirukanwa.

Ati: "Ushobora kuba uri gukora ikintu ariko kubera imbuga nkoranyambaga zigatuma utagikora neza, haza kuza umukoresha akubaza impamvu utakoze akazi ugasanga biraguhangayikishije ukababara."

Icyakora Kananga ushinzwe Umurimo muri MIFOTRA we avuga ko umukozi afite uburenganzira bwo gukora yisanzuye nta mbogamizi afite kugira ngo atange umusaruro.





# U Rwanda, Ghana na Singapore byatangije sisitemu yo kwishyura yambukiranya imipaka

ZIGAMA Theoneste

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) na Banki Nkuru ya Ghana, ku bufatanye n'Ikigo Global Finance and Technology Network (GFTN) cyo muri Singapore, batangije urubuga rushya rw'ikoranabuhanga rigezweho mu kwishyurana ryambukiranya imipaka, ryitezweho guteza imbere ubukungu bw'Umugabane w'Afurika.***

Uyu mushinga ugamije koroshya no kwihutisha ibikorwa byo guhererekanya amafaranga mu gihe nyacyo (real-time) mu kwishyurana hagati y'ibihugu, bityo ugateza imbere ubukungu bwa Afurika bushingiye ku ikoranabuhanga.




Hatangiye sisitemu yo kwishyura yambukiranya imipaka hagati ya Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) na Banki Nkuru ya Ghana

GFTN, wahoze uzwi nka Elevandi, ni umuryango udaharanira inyungu washinzwe n'Ikigo gishinzwe Imari n'Ubukungu cya Singapore (Monetary Authority of Singapore – MAS) mu mwaka wa 2024, hagamijwe kwagura uruhererekane rw'amafaranga akoreshwa muri serivisi z'imari ya Singapore, no ku rwego rw'Isi.

Uyu mushinga mushya, wari uzwi ku izina rya Project 54, watangijwe ku mugaragaro ku wa Kabiri, tariki ya 25 Gashyantare 2025, mu nama yiswe Inclusive Fintech Forum 2025, yiga ku guteza imbere ikoranabuhanga ridaheza mu bigo by'imari n'amabanki.

Iyi nama yahuje abarenga 3 000, barimo abayobozi ba za Guverinoma, abari mu nzego zifata ibyemezo bya politiki, abagenzura imikorere y'imari, inzobere mu ikoranabuhanga, abashoramari n'abandi.

Iterambere ry'ikoranabuhanga ryihuta ku buryo budasanzwe mu bukungu butandukanye, aho ubwenge bw'ubukorano (artificial intelligence), amafaranga y'ikoranabuhanga (digital currencies), ndetse n'ikoreshwa ry'imari mu buryo bwimbitse (embedded finance) byavuye mu rwego rw'ikoranabuhanga rishya bikaba imbarutso zikomeye zihindura uburyo serivisi z'imari zitangwamo.

Serivisi z'imari zisunze ikoranabuhanga muri Afurika ziganjemo izikorerwa mu bigo by'ikoranabuhanga mu by'imari, bikaba byitezweho kwinjiza miliyari 40 z'amadolari y'Amerika mu 2028.

Icyakora, abakora muri uru rwego rurimo gutera imbere byihuse kenshi bagaragaza imbogamizi zishingiye ku mategeko akigenga uru rwego ndetse n'ibikorwa remezo bike by'ikoranabuhanga, bikibangamira ishyirwa mu bikorwa ry'izo serivisi.

Banki Nkuru y'u Rwanda ivuga ko kwihutisha ibikorwa by'ubuyobozi, inzego z'imari n'abikorera mu rwego rwo gushyira mu bikorwa ibyo bikorwa by'iterambere rusange.

Iyo banki yavuze kandi ko kugira iyo gahunda yihutishwe muri izi mpinduka bisaba gushyiraho ingamba zihuse ku ruhande rw'abagenzura, ibigo by'imari, ndetse n'abacuruzi kugira ngo iyo gahunda nshya itezwe imbere mu buryo bwubaka ubukungu butagira uwo buheza.

Uyu mushinga watekerejweho kandi wemezwa binyuze mu biganiro bitandukanye byabereye mu nama zirimo iya 3i Africa Summit i Accra, muri Zurich Point Zero Forum, n'iserukiramuco Singapore FinTech Festival.

Byagaragaje ko Afurika ifite imwe muri sisitemu z'imari zihuta cyane mu guhanga udushya, nyamara ibikorwa by'ubucuruzi byambukiranya imipaka bikigorana kandi bihenze, bikabangamira ubucuruzi n'uburyo abantu bibona mu bukungu.

Uyu mushinga wo guteza imbere ibikorwa remezo by'ikoranabuhanga mu bigo by'imari uzana igisubizo kuri izi mbogamizi, nk'uko Rwangombwa yabisobanuye.

Yongeraho ko utagarukira gusa ku ikoranabuhanga, ahubwo unatanga ubushobozi mu bukungu butajegajega, guteza imbere ikoranabuhanga mu bukungu bw'Afurika rishingiye ku bikorwa remezo, aho bizazamura urwego rw'ubucuruzi n'iterambere ry'abaturage.

Uwo mushinga wo kwishyurana hakoreshejwe ikoranabuhanga wubakiye ku nkingi eshatu.

Harimo kubaka ibikorwa remezo byizewe ku buryo bizatanga umutekano usesuye mu kwishyurana, kugenzura ubwo buryo n'Indangamuntu z'ikoranabuhanga rusange zifasha mu kugendana neza muri serivisi z'imari, hamwe na sisitemu yo kwishyurana ishobora guhuza uburyo butandukanye, bizashyiraho urubuga ruhuriweho rw'ibijyanye n'imari, rutuma ibikorwa by'ubucuruzi byambukiranya imipaka muri Afurika bikorwa mu gihe nyacyo.

Uburyo bushya bwo buzatanga uruhushya rukora mu bihugu byinshi (license passporting) hamwe no gusangira amakuru, bizatuma habaho kongera ubuziranenge bw'amakuru no kongera iyinjizwa ry'abantu bose mu bukungu binyuze mu guhererekanya amakuru yizewe y'abikorera n'abantu ku giti cyabo mu buryo bwizewe kandi mu bihugu bitandukanye.

Rwangombwa yagize ati: "Nk'abarinzi b'urwego rw'imari, tugomba gukomeza kwiyemeza gukuraho inzitizi, guteza imbere ubucuruzi, no kurema amahirwe afunguriye bose. Binyuze mu mishinga nk'uyu, turimo gushyiraho ejo hazaza h'urwego rw'imari rwa Afurika."

Johnson Asiama, Guverineri wa Banki Nkuru ya Ghana, yavuze ko uyu mushinga ari intambwe ikomeye mu rugendo rwo gushyiraho isoko ry'imari ryunze ubumwe muri Afurika, rifite ubushobozi bwo kuzamura imibereho y'abaturage no kurema amahirwe ku bashoramari, cyane ibigo bito n'ibiciriritse.

Ati: "Gushaka uburyo bwo kwishyura bwizewe, buhendutse, kandi bwihuse ku rwego rw'Akarere, bufashijwe na gahunda yo gutanga uruhushya rukoreshwa mu bihugu byinshi (license passporting framework), ni indi ntambwe y'ingenzi mu iterambere."

Yakomeje avuga ko kunoza uburyo bwo kugenzura imari bishobora gufasha kugera ku murongo uzira gutakaza ihuza ry'ukutajegajega k'urwego rw'imari n'izamuka ry'ubukungu rishingiye ku guhanga udushya.

Hazanarebwa uburyo bwo kwinjiza no guteza imbere ikoranabuhanga, hagamijwe gukoresha imikoreshereze y'amafaranga y'ikoranabuhanga e mu guhanga ibishya.

Byongeye, uyu mushinga uzagira igishushanyo cy'uburyo bwo gushyiraho ibiciro ku bikorwa by'imari bifite agaciro gake ndetse n'afite agaciro kanini, hagamijwe gukomeza kwemeza inyungu z'uyu mushinga mu buryo burambye.

Uzahuza kandi abafatanyabikorwa batandukanye barimo abagenzura urwego rw'imari, ibigo by'imari, abahanga mu ikoranabuhanga ry'imari (fintech innovators), n'abashoramari mu rwego rwo gufatanya gushyiraho urusobe rwishyurwa rukomeye kandi rufite ejo hazaza harambye.

# U Rwanda na Koreya y'Epfo baganiriye ku kurushaho guteza imbere ubuvuzi




**Perezida wa Kaminuza ya Yonsei Dong Sup Yoon ari kumwe na Dr Yvan Butera, Umunyamabanga wa Leta muri MINISANTE**

**KAMALIZA Agnes**

***Guverinoma y'u Rwanda na Kaminuza ya Yonsei iri muri Koreya y'Epfo bagiranye ibiganiro bigamije ubufatanye mu gushyigikira uburezi bw'ubuvuzi, guhanga udushya no kwifashisha ikoranabuhanga.***

Ibyo byagarutsweho mu ruzinduko Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuzima, (MINISANTE), Dr. Yvan Butera n'Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Karake Charles bagiriye muri Repubulika ya Koreya y'Epfo.

Tariki ya 25 Gashyantare abo bombi basuye kaminuza ya Yonsei, iri i Seoul mu murwa mukuru bakirwa n'ubuyobozi bwayo burangajwe imbere na Perezida Dong-Sup Yoon, aho bagiranye ibiganiro by'ingirakamaro.

U Rwanda rufite intego yo kubakira ubushobozi urwego rw'ubuzima rukaba igicumbi cy'ubuvuzi mu Karere ruherereyemo ndetse Abanyarwanda n'abatuye Akarere bakazabyungukiramo.

Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame yagiye atangaza ko u Rwanda rushyize imbere ku kubakira abaganga ubushobozi no kubaka ibikorwa remezo bigezweho bituma ubuvuzi butangwa bisesuye.

Mu bihe bitandukanye yagaragaje ko u Rwanda rushaka kwagura uburyo bwo gutanga serivisi nziza z'ubuzima, ikaba ari nayo mpamvu rwohereza urubyiruko hanze y'Igihugu kwihugura mu bijyanye no gutanga izo serisivi, hagamijwe ko ibyo bize baza kubikora mu Rwanda.

Ubwo hatangizwaga inama Nyafurika ku buvuzi bwo kubaga, ku wa 24 Gashyantare,Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin yavuze ko hari intambwe u Rwanda rwateye iruganisha ku buvuzi buteye imbere kandi hari n'ingamba zo kuziba ibyuho bikigaragara birimo n'ubuke bw'abaganga.

Yagaragaje ko binyuze muri gahunda ya kane kuri kane igamije kongera umubare w'abatanga serivisi z'ubuvuzi, hari intego yo kugira abaganga babaga 1000, bavuye ku 162.

Nubwo u Rwanda na Koreya y'Epfo byongeye kwimakaza ubufatanye mu burezi bw'ubuvuzi ariko bisanzwe bifitanye amasezerano y'ubufatanye mu nzego zitandukanye harimo; guteza imbere inzego z'ubucuruzi n'ishoramari, ubuhinzi, politiki na dipolomasi, ubutwererane n'ubufatanye muri gahunda zo guteza imbere ubukungu bw'Abanyarwanda n'ibindi.

# U Rwanda rwakiriye impuguke 600 ziga kuri serivisi zo kubaga abarwayi

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guhera ku itariki ya 24 kugeza ku ya 28 Gashyantare 2025, impuguke zisaga 600 mu kubaga abarwayi kwa muganga (surgeons) ziteraniyemu kubaga abarwayi kwa muganga (surgeons) ziteraniye i Kigali mu Rwanda mu Nama Nyafurika yiga ku kubaga abarwayi kwa muganga.***

Ni inama yatangijwe ku mugaragaro na Minisitiri w'Intebe Dr. Ngirente Edouard, yibanda ku guteza imbere guhanga ibishya mu buvuzi bwo kubaga no kugeza ubuvuzi buboneye kuri bose muri Afurika.

Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nzanzimana Sabin, yavuze ko guhabwa serivisi zo kubagwa kwa muganga atari ubuzima buhenze bw'abifite gusa, ahubwo ngo bukenewe n'abantu bo mu byiciro byose.

Yagize ati: "Kubona serivisi zo kubagwa kwa muganga si iby'abifite gusa, bikenewe n'abantu bo mu ngeri zose. Ni mutyo tuzihendure kandi ziboneke hose, nibura umuganga ubaga abarwayi aboneke kuri buri Bitaro by'Akarere."

Minisitiri Dr. Nsanzimana yavuze ko abasaga 600 bateraniye i Kigali bazagenzurira hamwe kandi bakifa ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo gushimangira iterambere rya serivisi zo kubaga kwa muganga muri Afurika.

Uretse impuguke mu kubaga abarwayi, iyi nama yanitabiwe n'abayobozi mu nzego z'ubuvuzi, abashakashatsi n'abanyapolitiki bose barajwe ishinga no kurushaho koroshya kubona serivisi zo kubaga abarwayi.



**Impuguke zaganiye ku kunoza serivisi zo kubagwa**

Iyi nama ibaye nu gihe inzego z'ubuzima zitangaza ko Afurika ihanganye n'ikibazo cy'icyuho cy'abahanga mu kubaga abarwayi.

Biteganywa ko kugeza mu 2030, umugabane w'Afurika uzaba ufite icyuho cy'abaganga basaga miliyoni 6 babaga abarwayi.

Uyu munsi, icyuho na bwo kiragaragara cyane, kuko nibura 0,5 cy'umuganga ubaga ndetse na 0,1 cy'abatera ikinya basangira abantu 100.000, ukaba ari umutwaro uremereye cyane ku nzego z'ubuvuzi.

Mu gushaka igisubizo cyihutirwa kuri iki cyuho, inama iteraniye i Kigali yitezweho gutegurirwamo ingamba zigamije kongerera ubushobozi abakora muri serivisi zo kubaga abarwayi no kurushaho kunoza izo serivisi kwa muganga.

Iyi nama ifite insanganyamatsiko igira iti: "Umuganga ubaga abarwayi Bboneke kuri buri Bitaro by'Akarere".

Abitabiriye iyo nama biteguye guteza imbere gahunda zinyuranye zigamije kwigisha, kwimakaza ikoranabuhanga no gutegura ingamba zo kurenga imbogamizi Afurika igihangannye na zo zirimo no kutagira ubushobozi buhagije.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *AI n'ahazaza h'u Rwanda*

Kubona abana b'u Rwanda bishimiye kwifashisha ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (Artificial Intelligence/ AI) no gukora za 'robots', ni icyizere ku Gihugu ko ahazaza hatazabura abahasigasira mu gihe ubuzima hafi ya bwose buzaba buyobowe n'iryo koranabuhanga.

Ku Cyumweru tariki ya 2 Werurwe, abanyeshuri basaga 250 baturutse mu bigo 25 byo mu bice bitandukanye by'Igihugu, bitabiriye amarushanwa mu gukora imishinga ya AI n'ijyanye no gukora za robots.

Ubu bumenyi bushya bugiye gutuma abazatsinda bahagararira u Rwanda ku rwego mpuzamahanga.

AI ni ikoranabuhanga ryitezweho guhindura inzego zinyuranye z'ubuzima bwacu mu gihe kizaza, aho ubuvuzi, ubwikorezi, imirimo minini, imito n'iciriritse izaba itagikeneye imbaraga n'ubwenge bwa muntu gusa.

Iryo koranabuhanga kandi rizatuma haboneka imirimo n'ibicuruzwa bishya Isi itigeze imenya mu mateka yayo, aho bizaba bisaba abantu basobanukiwe kurikoresha no kuribyaza umusaruro mu nyungu z'abatuye Isi.

Ni ryo koranabuhanga ryitezweho kuvugurura serivisi z'ubuvuzi, iterambere ry'inganda n'umusaruro zitanga, gutanga serivisi, gukora akazi ko mu rugo, gukorana n'abakozi mu mirimo itandukanye n'ibindi.

Nubwo hari impungenge zigaragazwa n'impuguke, zirimo kuba iryo koranabuhanga rishobora gukoreshwa n'abafite imigambi mibi bakarimbura Isi, cyangwa se rikazasimbura abantu benshi bakisanga mu bushomeri, iri koranabuhanga rizafasha guhindura byinshi mu byo abantu bari bamenyereye Isi ihindure icyerekezo mu mpinduramatwara ya kane y'ubukungu (Industry 4.0).

Umuherwe Elon Musk, yagize ati: "Birashoboka ko nta n'umwe muri twe uzagira akazi. Niba ushaka gukora akazi nko kwinezeza uzaba ushobora kugakora. Ariko, AI na za robots bizaba bishobora gukora akazi no gutanga serivisi zose washaka."

Mu gutegura ahazaza, Guverinoma y'u Rwanda ikomeje urugendo rwo kubaka uburyo AI yakwifashishwa mu kurushaho kongera ubukungu bw'u Rwanda, kunoza serivisi za Leta no kubaka iterambere rirambye.

Politiki y'Igihugu igenga imikoreshereze ya AI yemejwe mu mwaka wa 2023. Ibyo bivuze iki ku Munyarwanda w'uyu munsi wifuza kuba mu Isi y'iryo koranabuhanga risimbura ibyo benshi babonaga nk'ubuzima busanzwe?

Gutegura ahazaza nk'aho bisaba kongera ubumenyi by'umwihariko ku rubyiruko, rukajyana n'impinduka zigenda zibaho kugira ngo igihe cy'ubwiganze bw'iryo koranabuhanga kizasange hari benshi bashobora kurikoresha no kubana na ryo.

# Abadepite batumije Minisitiri ngo asobanure ibirimo inyungu ihanitse ya SACCO



**Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu Mirenge Sacco rimaze kugera mu Ntara eshatu n'Umujyi wa Kigali**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Abagize Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite, banzuye gutumiza Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi Yusuf Mulangwa ngo atange ibisobanuro ku bibazo bijyanye na Koperative yo Kubitsa no Kuguriza Umurenge SACCO (U-SACCO), harimo n'igipimo cy'inyungu kiri hejuru, kuri ubu zigeze ku kigero cya 24% ku mwaka.***

Uwo mwanzuro w'Abadepite wafashwe ku wa Mbere tariki ya 24 Gashyantare 2025 aho basuzumaga raporo yakozwe mu gihugu hose bagenzura imishinga y'iterambere ya Leta igamije kurushaho kunoza imibereho y'abaturage.

Koperative Umurenge SACCO ni gahunda ya Leta igamije kongera serivisi z'imari zitagira n'umwe ziheza mu Banyarwanda, ikaba yarashyizweho guhera mu mwaka wa 2008 hagamijwe gufasha abaturage bo mu cyaro cyane cyane kuko ibindi bigo by'imari byinshi usanga byibanda mu mijyi.

Raporo zigaragaza ko mu 2008 abakoresha serivisi z'imari bavuye kuri 21% by'Abanyarwanda bafite imyaka iri hejuru ya 18 bakagera kuri 41% mu mwaka wa 2012, ahanini bitewe n'izo Koperative zakomeje kwagurwa nibura muri buri Murenge kugeza uyu munsi.

Kugeza uyu munsi, bivugwa ko Koperative Umurenge SACCO zakubye nibura inshuro eshanu abaturage bo mu cyaro bagana serivisi z'imari, akaba ari rwo rwego rw'imari rukurikira Banki y'Abaturage (BPR).

Ubwo Abadepite bagezwagaho raporo yakozwe mu gihugu hose, Visi Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, umutwe w'Abadepite ushinzwe ibikorwa by'Inteko Beline Uwineza, yashimangiye ko Koperative Umurenge SACCO yatanze umusanzu ukomeye mu kwegereza Abanyarwanda serivisi z'imari by'umwihariko ku bumenyi bwo kuguriza n'inguzanyo.

Yongeyeho ko izo Koperative zitera inkunga imishinga mito n'iciriritse yakabaye ihangana no kubona uko ibaho cyangwa ngo iterwe inkunga na banki z'ubucuruzi.

Gusa rero yasobanuye ko urugendo rw'Abadepite rwatahuye imbogamizi zitandukanye mu mikorere, harimo n'impungenge z'abaturage bagaragaza ko ikigero cy'inyungu ku nguzanyo bahabwa kiri hejuru cyane.

Depite Uwineza yagize ati: "Abaturage bavuga ko ikigero cy'inyungu ya 24% kiri hejuru ugereranyije n'ayo ibindi bigo by'imari bisaba, bikaba bigenda bica intege abaturage zo kuba bakwaka inguzanyo bagamije kwiteza imbere." Yongeyeho ko abaturage bababwiye ko bahitamo kujya kwishakira inguzanyo mu bimina, no mu yandi matsinda mu gushyigikira iterambere ryabo.

Uyu munsi, mu gihe banki z'ubucuruzi zitanga inguzanyo ku mpuzandengo y'ikigero cya 15.85% iy'Umurenge SACCO yiyongeraho nibura 8.15 % nk'uko bishimangirwa n'imibare yatanzwe na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) mu mwaka wa 2024.

Indi mbogamizi yagarutsweho muri raporo y'Abadepite ni uko izo banki zikiri inyuma mu gukoresha ikoranabuhanga, bikaba bituma abanyamuryango batabasha kugera kuri serivisi mu buryo buboroheye.

Raporo ivuga ko guhuza za SACCO zigakora ku rwego rw'Akarere bishobora kuzazifasha kuba Kopertive zikomeye ku rwego rw'Igihugu, ariko ngo kuba iyo gahunda itihutishwa bituma ibibazo by'izo Koperative bidakemuka mu buryo buboneye.

Uwineza ati: "Guhuza ibi bigo by'imari nibyihutishwa, serivisi ku banyamuryango bazo zishobora kuzarushaho kunozwa."

Raporo y'Abadepite igaragaza kandi ko Koperative Umurenge SACCO zifite inguzanyo zitishyurwa neza ziri hejuru y'ikigero cya 5% gishyirwaho na Banki Nkuru y'u Rwanda.

Uwineza yasobanuye ko abasaba inguzanyo bazibona ariko bakazikoresha mu nyungu zitandukanye n'icyo bazisabira ari na yo mpamvu bigorana ko zitanga umusaruro w'icyo zasabiwe.

Ati: "Iyo ni imwe mu mpamvu zituma Koperative Umurenge SACCO zigira ikigero kiri hejuru cy'inguzanyo zitishyurwa uko bikwiye."

Kugeza mu 2024, muri buri Murenge muri 416 y'u Rwanda habarizwaga Koperative Umurenge SACCO, aho zifite umutungo rusange usaga miliyari 240 z'amafaranga y'u Rwanda nk'uko bishimangirwa na Raporo ya BNR yo mu 2024.

# Abakorera mu Mujyi wa Rubavu baravuga imyato Tour du Rwanda

KAYITARE Jean Paul

***Ku wa Gatatu tariki 26 Gashyantare 2025, isiganwa mpuzamahanga rizenguruka igihugu, Tour du Rwanda, ryageze mu Mujyi wa Rubavu mu Ntara y'Iburengerazuba aho abakorera muri uyu Mujyi bishimiye kwakira iri siganwa.***

Bamwe mu baganiriye na Imvaho Nshya bavuze ko iri siganwa ryatumye bacuruza abandi bamenya ibyo batari bazi.

Uwase Diane umuvuzi akaba n'umucuruzi w'imiti y'amatungo mu Mujyi wa Rubavu, avuga ko bishimiye cyane kubona amagare abasanga muri Rubavu.



**Abatuye Rubavu bavuga ko bungukiye mu isiganwa ry'amagare ryahabereye**

Yagize ati: "Twishimye cyane kuba amagare yadusanze hano iwacu, twabonye amasosiyete menshi tutari tuzi ibyo bakora."

Akomeza avuga ko bamenye ko bishoboka kwishyura ukuye amafaranga kuri kode ukayishyura kuri kode, bagiye kubikoresha.

Undi na we yavuze ko n'abacuruzi b'ibyo kurya babonye abakiliya.

Ati: "Umuturage bimusigira inyungu y'amafaranga mu buryo bumwe cyangwa ubundi."

Niyigaba Albert ufite amacumbi mu Mujyi wa Rubavu avuga ko ibyumba byose kuva ku wa Kabiri byari byuzuye kandi ko na bagenzi be babonye abakiliya benshi.

Ati: "Uretse kuba twabonye ibyishimo by'igare ariko twanacuruje kuko nkanjye ibyumba byanjye byose byuzuye ndetse n'abo twaganiriye bambwiye ko na bo ibyumba byabo byamaze kuzura."

Bakuramutsa Claudine ukorera muri Rubavu na we ahamya ko bishimiye kwakira Tour du Rwanda cyane ko abantu baje kwamamaza bityo bakarushaho kumenya byinshi batari abazi.

Ati: "Twabonye abahanzi dukunda, twabonye amanyamakuru twabonaga kuri televiziyo, uyu munsi ni umunsi w'ibyishimo kuko abantu babonye vayibu."

Akarere ka Rubavu kahamirije Imvaho Nshya ko kakiriye neza Tour du Rwanda kuko ngo yaje guhesha agaciro Umujyi wako usanzwe ari Umujyi w'Ubukerarugendo.

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu, Mulindwa Prosper, avuga ko abanyarubavu bakunda siporo akaba ari yo mpamvu bakiriye neza isiganwa mpuzamahanga ry'amagare.

Yabwiye Imvaho Nshya ati: "Tour du Rwanda yatuzaniye abashyitsi benshi, amahoteli yacu yose yabonye abakiriya, abantu bacuruje ibintu bitandukanye kuko ntabwo abantu baje kureba amagare gusa, baje no gutembera.

Barajya mu mahoteli, barajya kwishimisha ku mazi ariko baraza no kurara muri Rubavu, baraza gukoresha imodoka za Rubavu baraza gukoresha ibintu byose biba muri Rubavu, mu by'ukuri ni byiza cyane turabyishimiye."

Kuri uyu wa Kane abasiganwa barahagurukira mu Mujyi wa Rubavu berekeza mu Karere ka Karongi aho bazaba bakina agace ka kane ka Tour du Rwanda.

# Ruhango: GALS yatumye abagize umuryango bakorera hamwe

NYIRANEZA Judith

***Abaturage bo mu Kagali ka Bunyogombe, mu Murenge wa Ruhango, mu Karere ka Ruhango bavuga ko inyigisho bahawe ku buringanire n'ubwuzuzanye zabafashije kudaharirana imirimo bagakorera hamwe ndetse byagabanyije amakimbirane mu miryango*.**

Izo nyigisho za GALS (Gender Action Learning System (GALS) zanagarutsweho n'Umuyobozi w'Akarere ka Ruhango ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Rusilibana Jean Marie Vianney ahamyan ko izo nyigisho zagize umumaro zikunganira n'izindi nama zitangwa zerekeranye n'imibanire ikwiye mu muryango.

Consolée Ufitamahoro, umwe mu bagenerwabikorwa bo mu Mudugudu wa Rusebeya mu Kagari ka Bunyogombe yavuze ko ngo abahawe inyigisho za GALS z'umushinga PRISM ngo zatumye bamenya amahame y'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'umuryango.

Ati: "Ubundi mbere y'uko tubona inyigisho za GALS ari bwo buryo bwo kwigisha abantu hakoreshejwe ibishushanyo, bukoreshwa n'Umushinga PRISM ngo abantu babashe kwirinda amakimbirane mu miryango yabo, bakorere hamwe bagambiriye iterambere, ntabwo ibintu byari bimeze neza.

Twakundaga guhisha aho twinjiza amafaranga, ariko twasobanukiwe ko niba dushaka gutera intambwe, guhuza ibyo twinjiza hamwe kugira ngo dutegure igenamigambi."

Habimana Eugene wo mu Kagali ka Bunyogombe, mu Murenge wa Ruhango, mu Karere ka Ruhango yavuze ko batariga inyigisho za GALS mu miryango bitari bimeze neza, ariko nyuma basobanukiwe ko umuryango wiha intego, ugakorera hamwe.



**Abantu bahabwa amasomo ku buringanire akabafasha kuzuzanya bagakorera hamwe bakiteza imbere**

Ati: "Mbere y'uko duhabwa inyigisho ku bwuzuzanye n'uburinganire, GALS, mu miryango iwacu ntibyari bimeze neza kuko niba narabaga mvuye guhinga nashyiraga isuka ku rutugu nkagenda nzi ngo nta kindi kindeba."

Yongeyeho ati: "Kwiga GALS byadufashije kuzamuka tuva mu ntera twari dufite mbere, imyumvire irahinduka.Tumaze kwiga byadusabye ko twese dukorera hamwe, gukorera ku ntego."

Umuyobozi wungirije w'Akarereka Ruhango ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Rusilibana Jean Marie Vianney yavuze ko GALS zagize akamaro, ziyongera ku zindi gahunda za Leta zo gutuma habaho umuryango utarangwamo amakimbirane.

Yagize ati: "Inyigisho za GALs zagize akamaro, imibanire mu miryango yahindutse, byunganiye izindi ngamba zifasha kugira umuryango uzira amakimbirane, umugore n'umugabo bagafatanya kugira ngo bagere ku iterambere."

Izo gahunda zose zikomatanyije, zatumye imiryango 302 yo mu Karere ka Ruhango iva mu makimbirane.





# U Rwanda rwibukije EU ko ikibazo cya RDC gitandukanye n'icya Ukraine

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda yibukije Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ko ikibazo cy'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) kidashobora kugereranywa n'intambara yo muri Ukraine, ababikora bakaba bashaka kuyobya uburari.***

Ambasaderi w'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) mu Karere k'Ibiyaga Bigari, Johan Borgstam, yabisobanuriwe na Gen. (Rtd) James Kabarebe, ubwo yamwakiraga mu Biro ku wa Kane tariki 27 Gashyantare 2025.



**Ambasaderi wa EU mu Karere k'Ibiyaga Bigari Johan Borgstam na Gen. (Rtd) James Kabarebe, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Afurika (Photo Internet)**

Ambasaderi Johan Borgstam ari mu ruzinduko rw'akazi i Kigali. Yabwiwe ko ukugerageza guhuza intambara yo muri Ukraine n'ikibazo cya Congo byihishemo inyungu za Politiki kandi noneho bikaba bigamije guhuma abantu amaso ku kibazo nyirizina gihari.

Gen. (Rtd.) Kabarebe yagize ati: "Ibihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi bizi neza amateka y'umutekano muke wabaye akarande mu Burasirazuba bwa Congo-harimo kuba hagaragara imitwe yitwaje intwaro isaga 200 n'ibibazo by'imbere muri Guverinoma, itotezwa rigambiriwe ku miryango y'Abatutsi, imvugo z'urwango, by'umwihariko hakaba hari n'umutwe w'iterabwoba w'abajenosideri wa FDLR wafatiwe ibihano na Loni. Bimwe muri ibyo bihugu hari uruhare bibifitemo bikwiriye kuba bibazwa."

Intambara ya Ukraine n'u Burusiya yatangiye mu guhera muri Gashyantare 2014, ikaba imaze imyaka itatu ikajije umurego, aho u Burusiya bwarenze kwiyomekaho agace ka Crimea bukagaba igitero simusiga kuri Ukraine yose.

Amb. Johan Borgstam yabwiwe ko u Rwanda rugowe n'ibibazo by'umutekano muke uturuka hakurya y'umupaka, bikaba atari ibintu bikwiye kwirengagizwa kuko hakurya y'imbibi hoherejwe ihuriro ry'abasirikare mpuzamahanga barimo FDLR, ingabo z'u Burundi, Wazalendo, ingabo zoherejwe n'Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu by'Afurika y'Amajyepfo n'abacanshuro baturutse i Burayi.

U Rwanda rwongeye gushimangira ko ruzakomeza guharanira umutekano harimo no gukura ingabo z'abanyamahanga hafi y'umupaka warwo, gufata ingamba zihamye ku kibazo cya M23 ndetse no gukemura icya FDLR burundu.

Nanone kandi Guverinoma y'u Rwanda ishimangira ko amahame y'ibusugire no kub kubaha ubutaka bw'ikindi gihugu ahora avugwa na EU, areba n'ubutaka bw'u Rwanda.

Urugero rwatanzwe ni uko ubusugire bw'u Rwanda bumaze kuvogerwa inshuro zirenga 20 guhera mu mwaka wa 2018, hakaba hari ibihamya bifatika kuri izo ngero.

Gen. (Rtd) yakomeje agira ati: "Hashyizweho ingamba z'ubwirinzi by'umwihariko mu gukumira ko ibyo bitero byaba kandi zizagumaho kugeza igihe ibyo bibazo byose bikemuwe."

U Rwanda kandi rwavuze ko bibabaje kubona politiki za EU n'inyungu ifite mu Karere k'Ibiyaga Bigari bibangamira ububanyi n'amahanga, byibwira ko ingamba z'ibihano uwo Muryango udashobora kugira ibyo ukemura kandi ahubwo zibangamira urugendo rw'amahoro ruyobowe n'Afurika.

U Rwanda rushimangira ko RDC idashobora gukomeza kuyobya Umuryango Mpuzamahanga irusabira ibihano, mu gihe iba ihushura intege nke zayo mu miyoborere, guhonyora uburenganzira bwa muntu, ruswa ivuza ubuhuha, gushora akayabo mu kugura intwaro kubera gushaka intambara n'ibindi.

U Rwanda rurasaba EU gufatanya n'Akarere mu rugendo rwo guharanira amahoro yirinda kuvanga Politiki mu bibazo by'amahoro n'umutekano w'abaturage.

# Abayisilamu basabwe kurushaho kwegerana n'Imana no kugira impuhwe muri Ramadhan

MUTETERAZINA Shifah

***Mu gihe Abayisilamu hirya no hino ku Isi batangiye ukwezi gutagatifu kwa Ramadhan, Mufti w'u Rwanda, Sheikh Sindayigaya Musa, yabasabye kuzirikana ukwemera kwabo, impuhwe, no kwitwararika bagira ikinyabupfura muri byose.***

Igisibo cya Ramadhan, imwe mu nkingi eshanu z'idini ya Islam.

Ni igisibo cyatangiye ku wa Gatandatu tariki ya 1 Werurwe, kikaba ari igihe kizamara ukwezi kose, cyo kwitwararika, gusenga, no kwiteza imbere mu buryo bw'ukwemera.

Ku bwa Sheikh Sindayigaya, igisibo ntikigarukira ku gusiba kurya no kunywa gusa, ahubwo ni igihe cyo kongera ubusabane n'Imana, gukomeza kwitwararika mu buzima bwa buri munsi no gukura mu buryo bw'umwuka.



**Binyuze mu gisibo, Abayisilamu barushaho gusobanukirwa ububabare bw'inzara**

Sheikh Sindayigaya yavuze ko igisibo ari igihe cyo kwisubiraho mu buryo bw'umwuka, kongera amasengesho, no kwegera Imana kurushaho.

Yabwiye itangazamakuru ati: "Igihe cya Ramadhan ni n'umwanya mwiza wo kwifata, bidufasha kuba abantu beza, haba ku giti cyacu no mu muryango mugari."

Isomo rikomeye rya Ramadhan ni impuhwe. Binyuze mu gisibo, Abayisilamu barushaho gusobanukirwa ububabare bw'inzara, bikabatera umutima wo gufasha abatishoboye.

Sheikh Sindayigaya yagaragaje ko igisibo gitanga isomo ryimbitse ku ngaruka z'inzara, bigatuma abantu barushaho kugira umutima w'impuhwe no gutabara ababababaye.

Ati: "Iyo wumvise inzara, ubasha gusobanukirwa neza ubuzima bw'abayihanganira buri munsi. Ubumenyi nk'ubu budutera kugira umutima utanga, tukagira impuhwe. Ramadhan itwigisha kutita ku kwiyegurira Imana gusa, ahubwo no kugira ubuntu no gufasha abanda."

KOMEZA KU RUP. 10

# Abayisilamu basabwe kurushaho kwegerana n'Imana no kugira impuhwe muri Ramadhan

IBIKURIKIRA URUP.9

Undi murongo w'inyigisho wagaragajwe na Mufti ni ukwihangana, cyane cyane mu bijyanye no kurakara.

Yagize ati: "Ramadhan itwigisha kwifata, twirinda kurakara. Kurakara bishobora kugira ingaruka mbi, ariko igisibo kidufasha gucunga amarangamutima yacu. Intumwa Muhammad yavuze ko igisibo ari nk'ingabo idukingira. Iyo tugeragejwe, turitonda, tukihangana, tukavuga tuti: 'Ndi mu gisibo".

Kubahiriza igisibo ntibikwiye kurangirana na Ramadhan gusa. Mufti yagaragaje ko iki gihe kigomba kuba umwanya wo gukomeza ingeso nziza no mu buzima busanzwe, n'igihe ukwezi gutagatifu kurangiye.

Ati: "Ramadhan ni ishuri ryo kwitoza uburere bwiza mu buzima. Ni igihe cyo kugira ingeso nziza, zitagomba kumara ukwezi kumwe gusa, ahubwo zigahoraho. Muri Ramadhan, Abayisilamu basabwa kwirinda kurya, kunywa, no gukora imibonano mpuzabitsina kuva mu museke kugeza izuba rirenze. Ariko si ibyo gusa, ni n'igihe cyo kwigomwa ingeso mbi, nk'imvugo mbi n'ibikorwa bibi."

Ramadhan irangira Abayoboke b'idini ya Islam bizihiza Eid al-Fitr, umunsi mukuru w'ibyishimo usoza ukwezi kw'igisibo no gukura mu buryo bw'iyobokamana. Sheikh Sindayigaya asaba Abayisilamu bo mu Rwanda kubyaza umusaruro iki gihe, bagashishikarira gusenga no kuzirikana, basabira igihugu amahoro n'iterambere.

Yagize ati: "Ndahamagarira Abayisilamu gukoresha iki gihe mu gusenga byimbitse no kwitekerezaho, bagatekereza no ku buzima bw'abatishoboye, ni ibihesha igihugu cyacu amahoro, kandi twese dukure mu kwemera no mu gufasha abanda."

Yongeye kandi gusaba Abayisilamu gusabira ubumwe bw'igihugu, amahoro, n'umutekano, by'umwihariko Perezida Paul Kagame n'ahazaza h'Igihugu.

Ati: "Dusaba Allah guha abayobozi bacu ubuyobozi bwiza kugira ngo bayobore Igihugu cyacu mu cyerekezo cy'iterambere rirambye."

Sheikh Yusuf Mugisha, Umuyobozi Wungirije wa Komite ishinzwe ibikorwa by'urukundo mu idini ya Islam mu Rwanda, yavuze ko igisibo ari uburyo bwo kweza roho no kongera kumenya Imana. Yongeyeho ko ari n'uburyo bwo kwitoza kwifata mu buzima bwa buri munsi.

Sheikh Mugisha yashimangiye ko ukwizera no gukiranuka ari ingenzi mu gisibo.

Yongeraho ko kugira ngo umuntu ashobore gukomeza igisibo neza, agomba guha agaciro amasengesho, gutegura amafunguro neza, no gukomeza kugira imbaraga zihagije umunsi wose.



Brig Gen Gakwerere Ezechiel wa FDLR wafatiwe ku rugamba muri Congo, yashyikirijwe u Rwanda

# M23 yashyikirije u Rwanda 14 barimo Brig Gen. Gakwerere bo muri FDLR

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Umutwe wa M23 washyikirije u Rwanda abarwanyi b'Umutwe w'Iterabwoba wa FDLR barimo Brig. Gen. Gakwerere Ezechiel, Major Ndayambaje Gilbert na bagenzi babo 12 baherutse gufatirwa ku rugamba bari bafatanyijemo na FARDC, SAMIDRC, Ingabo z'u Burundi na Wazalendo barwanya M23.***

Ni ku ya 01 Werurwe 2025, ubwo Brigadier Général Gakwerere Ezéchiel, Major Ndayambaje Gilbert na bagenzi babo 12, bari mu bayobozi bakuru ba FDLR yashyikirijwe u Rwanda.

Umwe muri abo barwanyi ba FDLR, Ukwishaka Saddam w'imyaka 27 yavuze ko yicuza kuba yarataye igihe cy'imyaka 30 yose mu mashyamba ya RDC.

Ati: "Ndicuza igihe natakaje ntahembwa."

Yanavuze ku binyoma ababarizwa muri uyu Mutwe w'Iterabwoba babwirwa n'abayobozi bawo.

Umuyobozi wa Brigade ya 509 mu Ngabo z'u Rwanda, Col Joseph Mwesigye, avuga ku barwanyi 14 ba FDLR barimo ufite ipeti rya General n'ufite irya Major, bashyikirijwe u Rwanda yasobanuye ikigiye gukurikiraho.

Ati: "Igikurikiraho, turabaha inzego zibishinzwe, bagende bakurikirana umwe ku wundi. Niba hari ufite ibyaha bya Jenoside akurikiranwe, ashyikirizwe ubutabera. Niba hari ukurikiranyweho ibindi byaha na we ashyikirizwe inzego zibireba. Abasigaye tubatware i Mutobo."

Yavuze ko kuba abo 14 bafashwe ari ikimenyetso cyereka Isi ko ibyo u Rwanda ruvuga ari ukuri.

Ati: "Iki ni ikimenyetso simusiga kigaragaza ibyo Leta y'u Rwanda ihora ivuga buri gihe ko FDLR ifatanyije na FARDC, Leta ya Repubulika iharanira demokarasi ya Congo yafashe FDLR iyiha intwaro, iyiha imbunda, ubwo urumva ikorana na FARDC, Wazalendo, Abarundi, abacabshuro ndetse na MONUSCO. Urumva rero ibyo ni ikimenyetso kigaragarira Isi yose."

Yakomeje asobanura ko ingengabitekerezo ya Jenoside itagendera ku myaka.

Yagize ati: "Mwabiboneye ko harimo n'abana bato. Ibyo abantu bavuga ngo kuvuga ngo abagize FDLR barashaje, FDRL ifite abayobozi babo bo mu myaka mikuru, ariko mubonye ko bakirimo n'urubyiruko. Ntabwo ingengabitekerezo igendera ku myaka."

Yakomeje agira ati: "M23 imaze kubarasa hakurya hariya, bavuye mu birindiro byabo abenshi bahungira mu mashyamba ya Walikare n'andi tutirengagije ko hari n'abandi bagiye hano mu kirunga haruguru, n'abandi bakiri muri Goma hano, aba tumaze gushyikirizwa none hari inzego zibishinzwe baragenda bakurikirana umwe ku wundi."

Yasobanuye ikigiye gukurikiraho ku bafashwe

Ati: "Abaregwa ibyaha bya Jenoside barajya mu butabera, abakoze ibyaha byo kurasa amasasu yambukiranya umupaka ku buryo yishe n'abaturage bacu bagera kuri 16 abo na bo bajya mu zindi nkiko babazwe ibyo bakoze, abakoze ibindi byaha bitandukanye ubwo hari izindi nzego zibishinzwe twebwe icyo dukoze turabakiriye, noneho abandi badafite ibyo babazwa bo barajya i Mutobo."



Aba ni abandi barwanyi ba FDLR biganjemo urubyiruko na bo bafatiwe ku rugamba








Abaturage b'Umurenge wa Mayange babangamiwe n'ababoneshereza bakanabakubita

# Bugesera: Abaturage 13 barasaba Leta ko yabakiza ababoneshereza bavuga bakababakubita

**HITIMANA Servand**

***Abaturage bo mu Murenge wa Mayange mu Kagali ka Mbyo bavuga ko babangamiwe cyane n'ababoneshereza imyaka yabo bajya no kuyirinda ba nyiri amatungo bakabasanga mu mirima yabo bakababakubita.***

Abo baturage bavuga ko iki kibazo kimaze igihe kirekire bahinga ntibasarure biturutse ku borozi bazana amatungo yabo bakayaragira mu myaka.

Abaturage batashatse ko amazina yabo atangazwa ku bw'umutekano wabo, umwe yagize ati: "Tumaze igihe duhinga abandi bakaragira tukabutaha. Duhomba kabiri. Duhomba ibyo twari busarure bikatugirira umumaro tukanahomba imbaraga tuba twashoyemo. Ni ikibazo kimaze imyaka nk'itatu twagejeje ku buyobozi bw'Umurenge, Akarere ndetse n'Intara ariko nticyakemuka,nubu tukaba ntawuhinga ngo asarure."

Undi ati: "Njyewe mu mwaka ushize nafatiyemo amatungo igihe nyakumakuma ngo nitabaze ubuyobozi buze burebe ubwone bw'imyaka yanjye, nyir'amatungo araza ankubita inkoni nitura hasi ahita ashorera amatungo ye arigendera. Narareze byabaye imfabusa.Turababaye dutegereje uzumva iki kibazo akanadufasha kugikemura."

Hari uvuga ko bageze aho bakareka guhinga hafi aha ariko baza kubishishikarizwa n'ubuyobozi mu rwego rwo kongera umusaruro bahinze bironeshwa nanone.

Ati: "Aha hari umushike, mu nama abaturage twagiranye n'uwari Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu ndetse na Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi badusabye guhinga ubutaka bwose tukabubyaza umusaruro. Twagiyemo turahinga igihe ibigori bigeze igihe cyo guheka bamwe batwoneshereza bazana amatungo ararisha ayimaraho. Iyo utekereje izo mvune wibaza icyo abo dutakira babitekerezaho kikakuyobera. Ikibazo cyacu kirazwi Umuyobozi w'Akarere arakizi ndetse yemwe n'abo yasimbuye bagiye bakizi. Turasaba kurenganurwa."

Imvaho Nshya yagerageje kuvugana n'abashinjwa koneshereza abaturage, ariko ntawemeye kugira icyo abivugaho.

Umuyobozi w'Akarere ka Bugezera,Mutabazi Richard yatangarije Imvaho Nshya ko koneshereza umuturanyi ari amakosa ndetse yavamo n'ibyaha byo kwangiza, asaba abaturage ko igihe bibaye bajya bahita babwira ubuyobozi.

Ati: "Konesha usanga bijya bibaho ariko duhora tubwira abaturage ko ufashwe aba agomba kwishyura ibyo yangije. Abahura n'ikibazo cyo koneshereza rero bajye bahita batanga amakuru ababikoze babihanirwe ndetse banahanirwe kuzerereza amatungo kuko ntibyemewe."

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Iburasirazuba SP Twagirimana Hamdun avuga ko mu gihe abo baneshereza bagenzi babo bagerekaho no gukubita ba nyir'imyaka baba bari gukora ibyaha bihanwa n'amategeko.

Ati: "Turaza gukurikirana twumve uko bimeze ariko mu gihe abaturage bahuye n'ikibazo nk'iki twababwira ko bakwiye no guhita bagana RIB ikabafasha."

Ba nyir'inzuri basabwa kuzitira inzuri zabo ku buryo amatungo atazivamo ngo yangiririze abaturanyi, kuko iyo bikabije biteza amakimbirane.

# Burera: Basabwe kubyaza umusaruro umutekano bahawe na Perezida Kagame



Minisitiri w'Intebe Dr. Edouard Ngirente, yifatanyije n'abaturage bahinga ibirayi muri Site ya Rutuku

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Minisitiri w'Intebe Dr. Ngirente Edouard yasabye abaturage bo mu Ntara y'Amajyaruguru by'umwihariko abo mu Karere ka Burera, kubyaza umusaruro umutekano uzira amakemwa bahawe n'imiyoborere myiza irangajwe imbere na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame.***

Dr. Ngirente yabigarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki ya 28 Gashyantare 2025, ubwo yatangizaga Igihembwe cy'Ihinga 2025B, mu gikorwa cyabereye kuri Site ya Rutuku, Akagari ka Kabona, Umurenge wa Rusarabuye mu Karere ka Burera.

Abaturage na bo bavuze ko hari byinshi bashimira ubuyobozi birimo no kuba badahwema kubegera, batanga urugero rw'uko kubona Minisitiri w'Intebe aza kubafasha gutera ibirayi ari urwibutso rukomeye.

Nshimiyimana Celestin ufite imyaka 58, yagize ati: "Imiyoborere myiza iteza imbere umuturage, twishimiye ko Minisitiri w'Intebe yaje kwifatanya natwe gutera ibirayi. Umuyobozi mukuru kuba aza kwifatanya natwe agatera ibirayi na byo atazasarura mu gihe twahinga ingano mu isambu y'iyahoze ari Komini Burugumesitiri agasarura, aha rero urabona ko ibi birayi tuzabyisarurira. Ibi ni ibintu biduha ibyishimo nkashimira Perezida wacu Kagame we washyizeho gahunda yo guhuza umuturage n'umuyobozi."

Mukandamage Josephine yagize ati: "Kuba umuturage akorana n'Umuyobozi ibikorwa by'iterambere bituma haba ubusabane mu gukomeza kubaka igihugu no kwiteza imbere, iyi mbuto bantereye rero izatuma nkomeza ubuhinzi niteze imbere kuko ni ho nzakura igishoro mpinge mu mirima yanjye yera ibirayi. Rwose ndishimye kuko ntafumbire cyangwa imbuto nta kiguzi."

Minisitiri w'Intebe Ngirente yakomeje agira ati: "Turabasaba gukora cyane kuko umutekano murawufite, ni ngombwa ko ibyo muhinga kandi mibicunga neza, kugira ngo mukomeze iterambere mwirinda amakimbirane yo mu ngo. Aka karere kareza cyane nta mpamvu yo kugira abana bagwingira, ndabasaba kwirinda kubyukira mu kabari, abana nabo bajye ku ishuri."

Minisitiri w'Intebe akomeza asaba abaturage kugira ubwishingizi mu buzima ndetse no mu buhinzi n'ubworozi, bakitabirira gahunda ya Ejo Heza, abamenyesha ko Perezida Kagame Paul yashyize ingufu muri gahunda ya nkunganire.

Kuri uyu munsi wo gutangiza igihembwe cy'ihinga hatewe ibirayi kuri hegitari 16, aho umuturage yaterewe ibirayi mu murima we ahabwa imbuto n'ifumbire kandi ni we uzabyisarurira.

# Burera: Abaturiye ikimpoteri gifatanye n'ubwiherero bazambijwe n'umunuko

NGABOYABAHIZI Protais

***Abaturiye isoko rya Nyagahinga riherereye mu Murenge wa Cyanika, Akagari ka Nyagahinga, Akarere ka Burera; bavuga ko babangamiwe no kuba isoko ritagira ikimpoteri, byatumye bagishyira hamwe n'ubwiherero buri hagati y'ingo bukomeje kubateza umunuko n'indwara zinyuranye.***

Iki kimpoteri kiri mu Kagari ka Nyagahinga neza hagati mu ngo z'abaturage hakiyongeraho no kuba cyegeranye neza n'ubwiherero rusange ngo hari n'abaza kuhiherera kubera ko n'ubwo bwiherero na bwo burimo umwanda ngo hari abaza basanga bwanduye bakigira mu kimpoteri.

Nizeyimana Emmanuel yagize ati: "Isoko rya Nyagahinga uko urireba mu myaka 17 rimaze ryubatswe hano nta kimpoteri rusange kigira, ubwiherero na bwo ni ugukora urugendo kuko kuva mu isoko ugerayo ntubura iminota 5, ntacyo byari bitwaye, ariko ikibazo cyo kuba nta kimpoteri rusange kigira kugeza ubwo baza kumena imyenda mu ngo zacu nabwo imbere y'ubwiherero biduteza umwanda n'umunuko hano, iri soko twifuza ko ryashakirwa ikompoteri rusange."

Uwamahoro Ester (izina yahawe) ni umwe mu baturiye iki kimpoteri avuga ko iki kimpoteri kiri hagati mu ngo kibabangamiye cyane.

Yagize ati: "Iki kimpoteri kuba imyanda ivamo yivanga n'iyo mu bwiherero biduteza ikinuko, nta muntu wavuga ngo yajya hanze iyo izuba rimaze kuva, ntawatekera hanze, amasazi ni ukuza akiroha mu nkono no mu biryo, ubu kubera guhumeka umwuka mubi bamwe bahora bakorora, ubuyobozi nibutandukanye ubwiherero n'ikimpoteri."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Burera buvuga ko ikibazo cy'amasoko atagira ibimpoteri rusange bukizi, hari gushakwa umuti

Umuyobozi w'akarere wungirije ushinzwe imibereho y'abaturage Mwanangu Theophile yagize ati: "Kuri ubu turimo gufatanya na PSF Burera, kugira ngo habe haboneka ikimpoteri rusange cy'Akarere, dutandukanye imyanda ibora n'itabora hagamijwe kubungabunga ibidukikije, mu Mirenge turimo kubafasha kugira ngo babone ibimpoteri rusange n'ahandi dufite gahunda yo kubishyiraho ndetse no kuri iryo soko twazareba aho kijya kuko nko kuri santere ya Kidaho mu Murenge wa Kagogo twamaze kuhubaka ikimpoteri nk'icyo."

Muri rusange amasoko yo mu karere ka Burera, nta bwo agira ibimoteri ruysange ndetse n'ubwiherero bwujuje ibyangombwa, aha ngo akaerere kakaba karihaye intego yo kubishaka, ariko nanone kagasaba abaturage gukomeza kurangwa n'isuku muri byose.



Hari abanaga imyanda mu kimboteri ikagwa mu bwiherero



Kwipimisha indwara zitandura bireba buri wese

# Nyamagabe: Bari bazi ko indwara zitandura zirwara abakire ari na bo bazipimisha

UWIZEYIMANA Aimable

***Bamwe mu batuye Akarere ka Nyamagabe by'umwihariko mu Murenge wa Mbazi, bavuga ko batari bazi ko indwara zitandura ari ngombwa kuzipimisha, kuko bazifataga nk'indwara zifata abakire.***

Umwe mu bahatuye avuga ko indwara zitandura yari azi ko zirwara abakire ndetse ko kuzipisha bitamureba n'ubwo kuri ubu yamaze kubisobanurirwa ko ntawe utazirwara.

Ati: "Jyewe nk'umuhinzi ubusanzwe numvaga ko indwara ya diyabete, iy'umuvuduko ukabije w'amaraso ari indwara zifata abakire, ku buryo ntari nzi ko kuzipimisha bifite akamaro. Gusa kuri ubu ndashimira ubuyobozi bwadufashije tugasobanukirwa akamaro ko kuzipimisha n'uburyo bwadufashije kumva ko ziriya ndwara zitandura zitarobanura, umuntu uwo ari we wese ashobora kuzirwara".

Mugenzi we na we utuye mu murenge wa Mbazi mu Karere ka Nyamagabe, avuga ko we Atari azi indwara zitandura ku buryo no kuzirinda atabikoraga.

Ati: "Ashwi da! Nonese nakwisuzumisha indwara ntazi, dibabete n'umuvuduko w'amaraso ko ari ubwa mbere nabyumvishe. Rwose niberagaho ndi mu buhinzi bwanjye iby'izo ndwara ntabwo ntabyitaho kuko nari nzi ko zirwara abarya amafiriti ya buri munsi. Gusa ubu nazisobanuriwe n'ubuyobozi kandi namenye ko kuzipimisha ari ngombwa ahubwo ubuyobozi buzegere n'abandi baturage kuko hari abatazizi, batanazitaho nyamara baratubwiye ko zishobora no kwica."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza, Uwamariya Agnes avuga ko kuba abatuye aka Karere barasobanukiwe ko indwara zitandura buri muntu wese yazirwara, ari umusaruro wavuye mu bukangurambaga, bwakozwe amezi arindwi.

Ati: "Gusobanurirwa n'indwara zitandura ni umusaruro wavuye mu bukangurambaga twakoze mu mezi arindwi ashize bwasobanuraga indwara zitandura n'uburyo bwo kuzirinda harimo no kuzipimisha, kandi n'ubu dukomeje kwigisha abatuye aha iwacu muri Nyamagabe kwirinda indwara zitandura kuko ntawe zagenewe buri wese yazirwara".

Avuga ko Ubukangurambaga ku ndwara zitandura mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2024-2025 bwakozwe amezi 7 guhera mu kwezi kwa Nyakanga 2024 kugeza Mutarama 2025, bukaba bwibanze ku cyiciro cy'abakunze kwibasirwa n'indwara zitandura barimo abagore bari hejuru y'imyaka 35 n'abagabo bafite cyangwa barengeje imyaka 40 basaga ibihumbi 107, aho bashishikarijwe no kwirinda itabi kuko ryaba intandaro.





# Gatsibo: Kabarore barasaba kurenganurwa ntibakurwe mu byabo



Aba baturage basaba ko ikibazo cy'amasambu yabo cyakemurwa ntibakurwe mu byabo

HITIMANA Servand

***Imiryango 6 yo mu Kagali ka Marimba mu Murenge wa Kabarorere, mu Karere ka Gatsibo irasaba ko yarenganurwa ntikurwe mu mitungo yabo igiye gutezwa cyamunara.***

Abo baturage bavuga ko baguze amasambu batuyemo ndetse n'inzu mu myaka 15 ishize, uwabagurishije ahari ndetse yemera ko bayiguze gusa ngo ikaba igiye gutezwa cyamunara biturutse ku byaha byakozwe na Gatwaza wabagurishije.

Twagirayezu Samuel agira ati: "Ikibazo ni uko naguze na Gahirwa ubu butaka mbwubakamo ndetse hari nanjye abo nagurishijeho. Twaramushatse ngo aduhindurize ntiyabikora, nyuma tuza gutungurwa nuko ngo hari ibyaha byo kwangiza imyaka y'umuturage yakoze ajyanwa mu nkiko ndetse ahanishwa ko imitungo ye itezwa cyamunara.

Mu kwerekana imitungo yahereye kuri iyi yatugurishije kandi ni umukire afite inzu, afite imodoka ku buryo atari kubura ibindi yishyura badashatse kutwangaza."

Bihezande Ildephonse na we avuga ko nyuma yo kumenya ko imitungo yabo yashyizwe mu cyamunara bihutiye kugana ubuyobozi bw'Akarere.

Ati: "Twagiye ku Karere ariko mu by'ukuri ntitwabonye abo gukurikirana ikibazo cyacu. Kugeza ubu nta handi hantu mfite umutungo nzajyana umuryango wanjye. Ni mu gihe nyamara uwatugurishije afite ubwishyu yakabaye yishyura ibyemejwe n'urukiko ubundi natwe tukaguma mu mitungo yacu."

Gahirwa Jonas ushinjwa n'abo baturage gushaka kubariganya, yabwiye Imvaho Nshya ko bitamuturutseho.

Ati: "Ni uko ikibazo cyabaye tutarahinduza ibyangombwa hanyuma umuhesha w'inkiko yareba muri sisiteme akabona binyanditseho akemeza kubishyira mu cyamunara. Ubuyobozi bwarampamagaye ku Karere mbasobanurira uko bimeze aho numva buzamufasha kureba uko nkiranuka n'abo nagurishije."

Yakomeje agira ati: "Ahubwo nanjye nifuza gufatanya na bo tugakurikirana imigendekere y'iki cyamunara kuko umuhesha namusabye ko nakwizanira umuguzi utanga amafaranga menshi bityo ubwishyu bukaboneka, ariko n'abaturage nkabaha ingurane zabo, ariko umuhesha w'inkiko azanamo kungora ashaka kuhahombya. Nizera ko rero ubuyobozi butureberera twese buradufasha mu gushaka igisubizo."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Kabarore Rugaravu, avuga ko bagiye gukurikirana ikibazo cy'abaturage.

Ati: "Ntabwo nari mfite amakuru ahagije kuri iki kibazo ariko ngiye kuvugisha aba baturage turebe aho bigeze ndetse n'icyo amategeko ateganya kugira ngo hatagira urenganywa."

Yasobanuye ko ubuyobozi bushishikariza abaturage bagura imitungo itimukanwa kujya bihutira guhinduza imitungo yabo ikabandikwaho.

# Rutsiro: Kuba badashobora kwigurira ipoto y'amashanyarazi byabahejeje mu kizima

KWIZERA Jean de Dieu

***Abaturage batuye ku muhanda wa Rubavu-Karongi ahitwa Rushikiri mu Murenge wa Mushubati Akagari ka Mageragere, bavuga ko baheze mu kizima kubera kutagira ubushobozi bwo kugura ipoto y'amashanyarazi kubera imiterere y'aho batuye.***



Baheze mu kizima kuko badashobora kwigurira ipoto ngo umuriro ugere mu ngo zabo

Ibi ngo bituma abo baturage bahera mu mwijima, bagasigara inyuma mu iterambere n'abana babo ntibabone uko biga cyangwa ngo basubiremo amasomo bageze mu rugo.

Mukamana Marie yagize ati: "Ubu turara mu mwijima mfite abana biga ariko ntabwo babasha gusubiramo amasomo ya nijoro, turasaba ko badufasha bakaduha umuriro w'amashanyarazi kuko ubuzima bwo kuba mu kizima abandi bacanye buratugoye."

Undi yagize ati: "Turasabwa ipoto ndende kubera ko dutuye munsi y'umuhanda kugira ngo imodoka zitazajya zikurura insinga kandi batubwiye ko tutagomba gukoresha ayo asanzwe y'ibiti. Twatanze ibyangombwa byacu by'ubutaka nk'abashaka umuriro ariko nta gisubizo tubona."

Bagaragaza ko bahawe ubufasha bwo kubona ipoto ndende, na bo bahita babona umuriro ndetse bakavuga ko ari ahakenewe ubwitange bwabo nabwo babushyiraho ariko bagacanirwa.

Ati: "Biramutse bidusaba iki giti gisanzwe n'ubu tuba twarabikoze, ariko batubwiye ko ipoto ikenewe ari imwe ndende itangwa na REG kandi twe ntabwo twabona amafaranga yo kuyigura pe."

Ku rundi ruhande, Umuyobozi wa REG mu Karere ka Rutsiro Rugaba Maurice, yasabye abo baturage kwegera REG, bakagaragaza ikibazo bafite mu nyandiko hanyuma nayo ikabasabira ubufasha. Uyu muyobozi yavuze ko icyakora babasura bakareba niba baba babahaye umuriro mu buryo bw'agateganyo mu gihe batarahabwa ipoto ikenewe.

Ati: "Turasaba aba baturage kutwegera bakaduha urwandiko rugaragaza ko bakeneye ipoto ndende, natwe tukabakorera ubuvugizi mu gihe ibikoresho byatugeraho, na bo tukabagira nyambere tugahita tubafasha."

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Uwizeyimana Emmanuel yabwiye ko ari inshingano z'Ubuyobozi kwegereza umuturage umuriro bityo bakaba bakorana na REG kugira ngo abo baturage bahabwe ipoto babashe gucana.

Ati: "Umuturage tumufasha kumwegereza umuriro we icyo akora ni ukuwukurura awugeza mu rugo. Kuba rero hakenewe ipoto ingana gutyo, ni igikorwa ubuyobozi bw'Akarere twakorana na REG hanyuma hakarebwa niba koko iyo poto ari yo ikewe bagafashwa".

Kugeza ubu mu Karere ka Rutsiro bari ku kigero cya 50% ku muriro w'amashanyarazi ariko uyu muyobozi yabwiye Imvaho Nshya ko nyuma yo guha ingo 11 000 umuriro batekereza ko bazagera ku kigero cya 70%.



Bakeneye ko iri soko ryubakwa

# Rusizi: Isoko rya Bambiro rimaze imyaka igera muri 50 rikeneye kubakwa

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abaturage b'Umurenge wa Nyakarenzo n'ab'indi Mirenge y'Akarere ka Rusizi barema isoko mpuzamahanga rya Bambiro riri mu kagari ka Kabagina, bifuza kubakirwa isoko rijyanye n'igihe.***

Iri soko abakuze bavuga ko rimaze imyaka hafi 50 ririho, ngo ntiryigeze rihinduka kandi ni isoko riremwa nabaturuka mu ri Rusizi, Nyamasheke no muri Repubulika iharanira Demokartasi ya Congo.

Iririkumutima Solange uricururizamo ibirimo amashuka, yagize ati: "Abenshi barambika ibicuruzwa hasi, mu mvura bigahinduka icyondo gisa,mu zuba bikuzura ivumbi,ku buryo usanga hafi y'ibyo bacuruza byose biba byuzuye umwanda,mu mvura no mu zuba.

N'ugerageje gushaka uduti agakora agatara n'isakaro agashyiraho agashitingi ngo yugame izuba, asanga ababuze inkwi baraye baducanye, akongera akarambika hasi ibicuruzwa."

Arakomeza ati" Twakanguriwe guca nyakatsi,tugera no ku guca iyo ku buriri ariko dusigaje iyo mu isoko kandi ari mpuzamahanga, bigatuma abanyamahanga barirema baducishamo ijisho bitari ngombwa. Binatuma hari andi mafaranga dutanga yo kubitsa ibicuruzwa byacu mu bafite amaduka cyangwa tukabicyura,guhora tubicyura tubigarura n'amatike ugasanga na byo ntibyatuma dutera imbere kandi dusora."

Mbarushimana Emmanuel wo mu Mudugudu wa Kabayego, Akagari ka Karangiro urihahiramo, anarigayira ubuto no kuba ahari hubakiwe gucururizwa imboga haratangiye kwangirika, nta naho kugama hahari.

Ati: "Birababaje cyane kubona isoko rimaze imyaka hafi 50 ririho rimeze kuriya, abantu bacururiza hasi mu cyondo n'ivumbi natwe tugahaha, kuko nk'ifu y'ubugari ntiwavuga ngo wahahaha imeze neza. Byanze bikunze iba yuzuye ivumbi mu zuba."

Basanga babonye isoko rigezweho barushaho gutera imbere kuko abahacururiza bakwiyongera, abacuruza n'abaguzi bagakorera mu mutekano usesuye batikanga imvura n'izuba ryinshi cyangwa abajura babiba bari kwanura,n'izindi nyungu nyinshi ziboneka mu isoko rizima.

Kavuna Jean Paul ati" Isoko rigezweho ryanaba ririmo amashanyarazi yatuma rigera mu masaha akuze y'ijoro rigikora, n'amazi bajya bifashisha basukura bimwe mu biribwa bihacururizwa n'abantu ntibatanguranwe na saa kumi n'ebyiri z'umugoroba barwana no guhaha butarira. Ikindi iminsi ikava kuri 2 gusa mu cyumweru."

Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba, Ntibitura Jean Bosco ku kibazo cy'iryo soko yavuze ko hagiye gukorwa ubuvugizi rikubakwa.

Yagize ati" Ni ikibazo gikomeye cyane abaturage bagaragaza, tugomba gukorera ubuvugizi kigakemuka byihutirwa. Turakomeza kukigaragariza izindi nzego cyane cyane Minisiteri y'ubucuruzi, idufashe haboneke isoko ryiza rya kijyambere, ari abacuruzi, ari abahaha babone aho bahahira heza."

# Rutsiro: Girinka yamugaruriye icyizere cy'ejo hazaza

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Ayingeneye Liberata utuye mu Murenge wa Mushubati, Akagari ka Sure, Umudugudu wa Kaduha arashimira Ubuyobozi ko inka yahawe yamufashije kwikura mu bukene agereranyije n'uko yari abayeho mbere ndetse ubu akaba yaragize icyizere cyo gukomeza kwiteza imbere binyuze by'umwihariko mu buhinzi.***

Uwo mubyeyi w'abana babiri, avuga ko mbere yo guhabwa Girinka yari abayeho nabi atabasha kubona ifumbire cyangwa ibyo kugaburira abana be kuko nta cyizere yagiriraga urugo rwe.

Yagize ati: "Iyi nka nayibonye mu 2010, nyibona ndi mu buzima bubi, nabagaho nsha inshuro, sinabasha kwita ku muryango wanjye, sinabashaga guhinga kuko ntabwo nari mfite ubushobozi bunjyana mu matsinda ngo mbe nabona amafaranga y'ifumbire.

Avuga ko mu 2010 yaje gutoranywa n'abaturanyi be, bakamuhitamo nk'utishoboye bakamuha inka.

Ati: "Naje kugira amahirwe, abaturanyi bampitamo nk'utishoboye ukwiriye Girinka ndetse ndayihabwa muri 2010. Byaratunejeje cyane kuko kuva uwo munsi nahise nubaka ikiraro, ntangira kwahira ifumbire itangira kuboneka uko nanjye ntangira guhinga tugabane (uruterane) ndetse nkagurisha n'ifumbire."

Ayingeneye yavuze ko inka ibyaye ubwa mbere yamufashije kwikenura.

Ati: "Inka ya mbere yabyaye mu 2014, yamfashije kwikenura mu rugo, nishyura n'amadeni twari dufite ndetse dukodeshamo imirima mito yabaye imbarutso yo kuba ubu twaramaze kwiguriramo umurima wacu ku 600 000Frw.

Avuga ko amafaranga ahabwa n'ifumbire yamufashaga kujya mu matsinda, ndetse ubu akaba abona umusaruro uri muri 300 000 mu mezi atatu uko asaruye, nawo ukaba umufasha kwita ku muryango we yishyurira abana ishuri, ubwishingizi n'ibindi nkenerwa.

Uwo mubyeyi avuga ko Girinka ari amahirwe Leta yahaye Abanyarwanda batifite kugira ngo na bo biteze imbere, bityo bakaba bakwiriye kubifata nk'amahirwe.

Agira inama abandi bagenzi be bahawe Girinka kuzifata neza kuko ibafasha kwiteza imbere.

Umuturanyi wa Ayingeneye yagize ati: "Uyu mubyeyi yari abayeho nabi n'umuryango we ubona adafite icyizere cyo gutera imbere, ariko nyuma yo guhabwa Girinka , ajya guhinga, agafumbira ahubwo iyo yejeje araduha. Girinka ni yo navuga yamubereye inzira y'iterambere."

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Uwizeyimana Emmanuel yashimiye abaturage biteje imbere babikesha Girinka agaragaza ko ari intwari kuko banze kuzimya igicaniro bahawe.

Ati: "Abaturage bafata neza Girinka ikabateza imbere turabashimira cyane kuko baba bashyira mu bikorwa gahunda ya Leta yo kubafasha kwigira nk'abandi Banyarwanda."

Kugeza ubu mu Karere ka Rutsiro hamaze gutangwa inka muri gahunda ya Girinka zingana n'ibihumbi 19, hakaba harituwe izingana n'ibihumbi 11.





# Nyamasheke: Kunyonga igare byamugejeje kuri moto nshya

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Niyogusenga Zacharie w'imyaka 20, wo mu Kagari ka Gitwe, Umurenge wa Karambi mu Karere ka Nyamasheke, avuga ko kwagura imitekerereze agahera ku bunyonzi, akagana Karambi Vision SACCO ikamuguriza, amaze kwigeza kuri moto ye nshya y'arenga 2 000 000.***

Aganira na Imvaho Nshya, uyu musore wifitiye icyizere cyo kugera kuri byinshi mu gihe gito, yavuze ko abona aho ageze, akurikije n'imyaka afite imbere ari heza, abikesha gukora cyane.

Yavuze ko yarangije amashuri abanza mu 2018, hashize imyaka 2 se yari yiringiye kumurihira ayisumbuye aba arapfuye, ubushobozi bwo kwiga burabura.

Ati: "Ndangije amashuri abanza, papa yarapfuye, ubwo kwiga birahagarara. Mama yampaye amafaranga 60 000 ngo nguremo imyambaro n'ibindi nkeneye, mbona imyambaro ntaho yangeza, nguramo igare ntangira kurikoresha njya kuzana ibirayi mu Gisovu muri Karongi, nkabigurishiriza hano muri santere y'ubucuruzi ya Kamina, nkarya make andi nkayabika ngamije gufasha umuryango wanjye

kubaho."

Yongeyeho ati: "Nagejeje ku mafaranga 300.000 ngura ikimasa nkomeza no kunyonga, negera abasudiraga n'abakora amagare ndeba ibyo bakora, ndabyiga na byo ndabimenya.

Mu mezi 5 cya kimasa nakigurishije amafaranga 520 000 nyaguramo ibikoresho byo gusudira na byo ndabitangira, niga gutwara moto, nkabifatanya no gukora amagare, amasaha yo kuryama no gutembera ndayagabanya bigaragara."

Niyogusenga yaje kugana Karambi Vision SACCO ikamuha inguzanyo ihabwa urubyiruko yitwa' Imari inoze' na nyina amuha ingwate ya kawa, bamuha 2 000 000 aguramo moto nshya.

Ati" Ibyo byose maze kugeraho ku myaka 20 gusa mfite, mbigezeho mu myaka 4 gusa mbikesha Imiyoborere myiza."

Avuga ko intego afite, ari ugukorera uruhushya rwo gutwara imodoka ari yo akoresha, akanubakamo inzu y'ubucuruzi kuko imirimo ye yose akora, mu kwezi atayiburamo 300 000Frw.

Umucungamutongo wa Karambi Vision SACCO Bumbali Machiavel avuga ko mu bice by'icyaro ibigo by'imari byagize akamaro gakomeye cyane, byafashije kwegeranya amafaranga ntapfe ubusa.

Ati: "Nk'uriya musore yaratugannye tumugira inama arazubahiriza, tukamuha amafaranga akayagura moto, n'ibindi akora byose bimufasha kwishyura neza, igihe cyose yashaka inguzanyo, ntiyayibura kuko natwe aba atwereka ibifatika yanaratira abandi."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Karambi Hagabimfura Pascal, ashimira uyu musore na bagenzi be bagira aho bikura n'aho bigeza mu iterambere bahereye kuri bike.

Ati" uriya ni intangarugero y'ibishoboka. Icyo dukora, nka bariya tubagira inama yo gukomereza aho bakagera kure hashoboka, bakanatanga inama kuri bagenzi babo."




Yashoboye kwigurira moto ahereye ku bunyonzi no kugira umuhati wo gukora



Isoko riremera ku gasozi, bifuza ko ryakubakwa

# Ruhango: Barasaba ko bakubakirwa isoko rijyanye n'igihe bakareka gucururiza ku gasozi

**UWIZEYIMANA Aimable**

***Abatuye Akagali ka Munanira mu Murenge wa Kabagali mu Karere ka Ruhango, bavuga ko ikibazo cyo kuremera isoko ku gasozi, bituma mu gihe cy'imvura n'izuba ibicuruzwa byabo byangirika.***

Hakizimana Samuel ni umwe mu bagaragaza iki kibazo cyo kutagira isoko rijyanye n'igihe riremera ku musozi bibagiraho ingaruka zirimo no kuba banyagirwa mu gihe cy'imvura.

Ati "dufite ikibazo cy'isoko, iri soko rimaze igihe kinini ritubakiye, ibyo bitugiraho ingaruka kuko ibicuruzwa byacu birahangirikira cyane cyane mu gihe cy'imvura, ndetse na ba peresebuteri ntibabona uko basoresha kuko nta muntu ufite ikibanza cye kizwi,aho ucururije uyumunsi siho ucururiza ejo kuko ni ku gasozi".

Nyiransabina Rose na we avuga ko bakwiye kugira icyo bakorerwa bakabona isoko kugira ngo ibihombo bagira mu gihe cy'imvura biveho.

Ati: "Iri soko birakwiye ko ryubakwa ndetse biranakenewe, nakuze ndibona hano rimeze uku, ni agasozi kuko uhageze ritabaye ntiwamenya ko ari mu isoko, rero turifuza ko baritwubakira kugira ngo mu gihe cy'imvura ibicuruzwa byacu bidakomeza kujya byangirika cyangwa ngo natwe tunyagirwe."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Kayisire Marie Solange, avuga ko kuryubaka bigiye gushyirwa mu byihutirwa Akarere kagiye gukora kugira ngo abo baturage bavanwe kuri ako gasozi.

Yagize ati: "Umwaka utaha w'ingengo y'imari igihe nk'iki mbijeje ko tuzagaruka hano twicaye mu isoko mwifuza kuko rizaba ryaratangiye kubakwa kandi turabibona ko murikeneye, nuko cyari igihe kitaragera, mushonje muhishiwe".

Iryo soko ryo mu Kagali ka Munanira mu Murenge wa Kabagali mu Karere ka Ruhango, riremwa n'abatuye uwo Murenge, abaturuka mu Karere ka Karongi bambutse uruzi rwa Nyabarongo, abaturuka mu Murenge wa Cyabakamyi mu Karere ka Nyanza ku buryo riramutse ryubatswe byafasha abaricururizamo n'abarirema.

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIQUE DU RWANDA

MINISTERE DE L'EDUCATION
DISTRICT DE KARONGI
SECTEUR RUBENGERA
TTC RUBENGERA
TEL : 0788484472

**AVIS D'APPEL D'OFFRE NATIONAL: REFERENCE N 05/2024-2025/TTCR/G/OCB**

**TITRE DU MARCHE :** « *Fourniture des vivres, pour le troisieme trimestre 2024-2025 pour l'année scolaire 2024-2025 au TTC RUBENGERA.* »

**Le marché est constitué par des lots suivants :**

**LOT1 :** Riz Genius (Indian Rice, RIZ INDIA) qualité supérieure
**LOT 2 :** Sucre brun, Sel, huile de marque karanga.
**LOT 3 :** Haricots sec.
**LOT 4 :** Bois de chauffage
**Financement : TTC RUBENGERA**

La participation à la concurrence est ouverte à égalité des conditions à toutes les personnes physiques ou morales. Le dossier d'appel d'offres pour le marché pourra être retiré au bureau chargé de marché de l'école à partir du **28/02/2025** pendant les jours ouvrables de **08h-17h00**, sur présentation d'un bordereau de versement **de dix milles francs rwandais (10,000 frw)** non remboursable versés au compte **N° 510297452110145** ouvert à la Banque Populaire du Rwanda de TTC RUBENGERA.

**N.B : Le soumissionnaire peut soumissionner à un seul lot ou plusieurs lots.**
